# *Ishyingiranwa n'Ubutane*

Reka twunamishe imitwe yacu nonaha kugira ngo dusenge gato. Data Nyiubuntu Butangaje, turagushimiye muri iki gitondo kubw'aya mahirwe yo kuba turi hano muri iki cyumba, duhanganye n'ingaruka zishobora gutangwa n'uyu munsi. Ariko ntituzi icyo umunsi uhatse, ariko tuzi Nyirumunsi. Rero turasenga kugira ngo Ufite uyu munsi n'ejo hazaza, n'iteka ryose, aduhe umugisha uyu munsi ubwo twateraniye hamwe mu Izina Rye, kugira ngo tumenye neza uko tugomba kubaho kugira ngo tumukorere. Iyi ni yo ntego yacu yuzuye, Data. Imana, Izi imitima yacu, izi ko ibi ari ukuri. Turakwiyeguriye Wowe, hamwe n'igihe cy'umunsi kiri imbere, ku bw'umurimo Wawe, mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

2 Mwicare. (Murakoze. Hano hari undi mwanya.)

3 Mwaramutse, abari hano ndetse n'abari hanze y'igihugu hose aho duhurijwe muri iki gitondo. Ibyo bitanga amahirwe menshi yo kuza hano muri iki gitondo kugirango tuvuge kuri iyi ngingo. Ku badukurikiye bari hano, biteye urujijo gato, kuko imbere yanjye hari amarido, kandi ngomba kuvugana n'abari iburyo n'ibumoso. Ku bantu badukurikiye batari hano, mfite icyumba cy'imyitozo ngororamubiri iburyo bwanjye, ndetse n'icyumba cy'imyitozo ngororamubiri ibumoso bwanjye; kandi ndi hasi, mfite amarido afunguye hagati, atuma ukuboko kwanjye kw'iburyo n'ukw'ibumoso bihinduka. Kandi dufite abantu benshi cyane, muri iki gitondo, unyuze mu cyumba cy'inama, ndetse no mu cyumba cy'imyitozo ngororamubiri, ndetse n'urusengero, urusengero ruri ku Muhanda wa Eighth na Penn. Kandi mu bice byuzuyemo abantu benshi, sisitemu ya terefone irimo kubijyana ahandi hantu.

4 Twagize ibihe byiza cyane mu Mwami, kandi turi munsi yo gusigwa gukomeye kubw'iki gikorwa muri iki gitondo. Noneho iri joro kuba ari igihe cyo gusoza iyi minsi ine y'ubukangurambaga, kubera iki, rwose dutumira abantu bose, ababishoboye, ngo baze hano. Twizeye ko Uwiteka ari buduhe ikirere cyiza cyane muri iri joro adukorera ikintu kidasanzwe cyane, ku buryo Agomba gukiza abarwayi bose kandi agakora ibintu bikomeye nk'uko Asanzwe abikora. Kandi turi munsi yo gusigwa ku bw'uyu mugoroba. Rubanda rwose baratumiwe, buri wese, buri torero rya buri dini ryose. Ntabwo ari ngombwa ko uba Umukristo; rwose turahamagarira abanyabyaha kwinjira, bakicara hagati yacu. Kandi dukora uko dushoboye kose kugira ngo tubigishe inzira y'Uwiteka, kugira ngo tubeho.

5 Noneho ndizera ko abadukurikiye batarakara. Kandi niringira Imana ko ntazahangayika, kuko nagize ijoro rikomeye

cyane, mfite umunaniro mwinshi. Kuko nzi neza ko ibyo mvuga muri iki gitondo bizangarukira ku munsi w'urubanza, kandi sina—sinashoboraga gusinzira, kandi nzi ko nintabivuga bizambarwaho ku Munsi w'Urubanza. Rero biragorana, ntushobora kubisobanura.

6 Noneho muri iki gitondo iyi ni yo ngingo ikomeye tugomba kuganiraho *Ishyingiranwa n'Ubutane*. Kandi impamvu nayigize iy'ishuri ryo ku Cyumweru, ni ukugira ngo tubiganireho kandi tubihe umwanya uhagije, aho kubibwirizaho ikibwirizwa. Ni inyigisho iva mu Byanditswe Byera.

7 Kandi nda—ndashaka kuvuga ko, niba hari umukozi cyangwa abakozi b'Imana, ahantu aho ari ho hose, iyi kaseti yigeze kugwa mu biganza byabo, Nidusohora iyi kaseti . . . sinzi icyo itorero rizayikoraho. Ndasaba Mwene Data Fred kubonana n'inama y'ubuyobozi bw'itorero mbere y'uko asohora iyi kaseti. Kandi kuri mwe bantu bo hirya no hino mu gihugu, bafite ibyuma bifata amajwi, Ndabinginze ntimugashyire kaseti hanze keretse mubanje kuyumvishwa na mwene Data Sothmann.

8 Noneho, kandi niba itakaye, maze umwe muri bene Data b'abakozi b'Imana banjye, cyangwa Umukristo uwo ari we wese aho ari hose, akaba atemeranya n'ibyo mvuga kuri iyi ngingo, ndi—ndizera ko mutazabinenga. Niba mutabyumva uko mbibigisha, ntacyo bitwaye, mufite uburenganzira kuri ibyo, nk'umukozi w'Imana, nk'umushumba. Kandi nubaha ikintu cyose mwizera.

9 Kandi hari amashuri abiri akomeye kuri ibi. Kandi niba hari ibibazo bibiri, kimwe muri byo kigomba kuba gifite ukuri, cyangwa nta na kimwe muri byo gifite ukuri. Tugiye kugerageza rero kureba Ijambo ry'Imana, muri iki gitondo, kugira ngo tubyinjiremo neza. Kuri njye, niba ari ikibazo cya Bibiliya, rwose Bibiliya ifite igisubizo cyabyo.

10 Noneho mbere gato yuko tugira ibi, dutangira iyi ngingo, ahubwo, mbere y'uko nsengera Ijambo, Ndashaka kubwira buri wese muri mwe, ko njyewe . . . mwebwe Bakristu cyane cyane, ko nifuza . . . Nda—ndashaka ko munsengera muri iki gitondo. Kandi mwebwe mwese mudukurikiye mutari hano muduteze amatwi muri iki gitondo, munsengere, kubera ko nshaka kuba inyangamugayo no kuvugisha ukuri.

11 Noneho turabona ko, mu kuvuga aya magambo, umuntu runaka, niba ari umuntu umwe gusa, azayizirikaho nk'uko yaba ari hagati y'ubuzima n'urupfu. Hari benshi muri mwe baza kugenda bizeye. Birumvikana ko benshi muri mwe, wenda, bataza kubishobora. Ariko nzi ko, mu murimo wanjye, hari abantu baza kuntega amatwi, maze bakumva icyo ngomba kuvuga; kuva, none, bicaye hano muri iki gitondo, mu rwego mpuzamahanga, baturutse muri Leta Zunze Ubumwe nyinshi, Kanada, no hakurya y'inyanja. Kandi ushobora kwiyumvisha

umutwaro bigushyiramo, yo kumenya ko icyerecyezo cyo mw'Iteka cy'uwo muntu kiri mu maboko yawe, kubera ko azaguma mu byo uvuga. Imana yansaba gusubiza icyo kibazo, kandi ndashaka kucyinjiramo nta buryarya uko nshoboye kose.

12 Noneho, na—nabajije bashiki bacu, maze mpindura amwe mu magambo yanjye kugira ngo mbone kuyavugira imbere yabo. Billy afite mu mufuka we, muri iki gitondo, hanze aha, ibintu bimwe na bimwe bitashoboraga kuvugwa imbere y'abantu b'ingeri zose. Kandi wenda bimwe navuga, mugomba kubyumva. Mubifate nk'ibivuye kuri—kuri mwene Data, uko nzi kose. Wakwicara kwa muganga ukamutega amatwi, yagombaga kukubwira amagambo yumvikana cyane. Kandi bamwe muri mwe nkumi n'abasore, sinshaka ko mugira igitekerezo kitari cyo. Ndashaka ko mwizera, maze mukicara gusa. Mwibuke ko Ukuri kugomba kuvugwa nk'Ukuri.

13 Kandi, ubu, nta gushidikanya ariko hari benshi muri mwe batazavuga rumwe n'ibigomba kuvugwa, ariko ndashaka kubibereka nifashishije Bibiliya. Hanyuma ndizera ko, niba muri bwubahirize gusa kandi mugatega amatwi, ni bwo muzagira ubumenyi n'igitekerezo cyiza ku byo nakomeje kugerageza, kuva kera kose. Ndizera ko ibi bizabisobanura, kandi ndizera ko ari ko bizagenda.

14 Ubu dushobora kumara igihe kirekire, isaha imwe n'igice, cyangwa wenda igihe kirekire kurushaho, kuri ibi. Sinzi igihe biri bumare.

15 Kandi ubu nanone, ndashaka kuvuga ko, muri iki gihe, ko, nzi ko abantu bakomeza amagambo yawe; barabikora, kuri pasiteri wabo. Kandi, birumvikana, nabaye pasiteri.

16 Kandi bakomeza amagambo ya pasiteri, nk'uko byari bimeze mu rupfu n'ubuzima. Bakomeza amagambo y'abapadiri babo, nk'aho ari urupfu n'ubuzima. Kandi birumvikana ko umushumba, wenda hamwe n'ibyo azi byose, arimo kwigisha abantu be neza neza nk'uko yigishijwe muri seminari; Nta gushidikanya ko ibyo umupadiri, na we, mu madini atandukanye afite abapadiri. Birumvikana ko pasiteri ari umupadiri koko; ni umuvugizi. Niba rero padiri, mu byo yigishijwe byose mu ishuri rye, mu iseminari no mu bigo by'abihaye Imana, umugabo utagira uburyarya avuga ibyo yigishijwe uko biri.

17 None rero, nta bunararibonye mfite mu iseminari cyangwa mu kigo cy'abihaye Imana, kandi nta kintu na kimwe kibi mfite na gato, ariko mfite ubuzima budasanzwe.

18 Nahamagawe igihe nari umwana muto w'umuhungu. Muri ibi hari harimo ikimenyetso kigaragara kandi cyumvikana nahawe, i—Inkingi y'Umuriro imanitse mu gihuru, mfite imyaka irindwi, neza hano kuri Utica Pike. Data yakoreraga Bwana O. H. Wathen wari uherutse gupfa. Kandi mwasomye igitabo, muzi iyo nkuru. Kuva icyo gihe... Hasi ku ruzi

ni bwo Yagaragaye ku mugaragaro imbere y'abantu. Kandi Yafashwe ifoto, inshuro nyinshi, kandi imanitse i Washington, DC, nk'uburenganzira bw'umwanditsi, mu Cyumba cy'Ubugeni bw'idini, nk'Ikintu cy'indengakamere cyonyine kidasanzwe cyigeze gufatwa amafoto n'ubuhanga; Inkingi y'Umuriro imwe, igaragara kimwe kandi mu buryo bwose, yakuye Abisirayeli mu Egiputa. Nizera ko ari Yesu Kristo mu Mwuka, mu Umwana w'Imana.

19 Kuko yitwaga "Umwana w'umuntu" igihe Yazaga mbere, none ubu yitwa "Umwana w'Imana," mu kiruhuko cy'imyaka igihumbi Azaba "Umwana wa Dawidi." Yaje ari Umwana w'umuntu, Umuhanuzi, nk'uko byari byaravuzwe kuri We; none ubu ni Umwana w'Imana, mu ndengakamere; mu bwami bukomeye bw'Imyaka igihumbi buzaza, Azaba Umwana wa Dawidi, yicaye ku ntebe y'ubwami ya Dawidi. Nk'uko abasomyi ba Bibiliya bose bazi ko iryo ari isezerano ry'Imana, kuri Dawidi, Azahagurutsa Umwana we ngo yicare ku ntebe ye y'ubwami.

20 Kandi ubu mu murimo ugoye, udasanzwe, niswe byose kuva ku "Imana" kugeza kuri "dayimoni." Kandi ibyo, ni ko bihora bimeze.

21 Ibyo ni byo uyu musenyeri mukuru wa kiliziya Gatolika yambwiye mu ijoro ryakeye, ikiganiro cyari, ku buryo yavuze ati: "Mwene Data Branham, Yohana Umubatiza yigaragaje neza mu Byanditswe Byera, nk'uko Yesaya yabivuze." Yaravuze ati: "Umurimo wawe uragaragara neza mw'Itorero." Aravuga ati: "Abaluteriyani bari muri Bibiliya." Aravuga ati: "Abaluteriyani bari bazi Luther. Abawesileyi bazi Wesley. Ariko se bite ku byerekeye Abapantekote?" Yaravuze ati: "Barimo guhuzagurika. Ntibazi aho bajya."

Hanyuma Ndavuga nti: "Mugenzi, ibyo ndabishimye."

22 Icyo gihe ni bwo Umwuka wamanukiye kuri uwo mugore, ntabwo yari yarigeze ambona, umugore we. . .kandi yavugaga ibintu bimwe.

23 Noneho, kuba inyangamugayo, mbere y'uko mvuga ubu Butumwa muri iki gitondo, simbizi. Naramubwiye, naravuze nti: "Mugenzi, sinshobora kubivuga. Icyo ni ikintu gikomeye cyo kuvuga. Gisa nk'igikomeye."

24 Ikintu kimwe nzi, ni uko hari ikintu cyabaye, nta gushidikanya. Ibi bintu byose, gusa, byagaragajwe n'ubuhanga, kandi byaremejwe hirya no hino ku isi, Ntibishobora kuba inkuru mpimbano gusa. Ni ukuri. Ni ibiki? Reka mvuge, mu buryo bweruye, mbere yuko mvugana namwe muri iki gitondo, simbizi. Kandi sinatinyuka kugira icyo nkora kugeza igihe numviye ibyo We yambwiye mu bihe byashize kandi ibi bintu yarabimbwiye.

25 Mwibuke, Umwami wacu Yesu Kristo ntabwo yigeze yigaragaza nk'Umwana w'Imana. Yaravuze ati: "Mwavuze ko

nari; ni cyo navukiye," n'ibindi, ariko Ntiyigeze yimenyekanisha We ubwe.

26 Kandi, noneho, yari Inkingi y'Umuriro yayoboye abana ba Isiraheli, yari Umwami Yesu Kristo mu Mwuka, (ibyo murabyizeye?), Logos yasohotse mu Mana.

27 Hanyuma igihe Yari akiri kw'isi, Yaravuze ati: "Nturuka ku Mana kandi nsubiye ku Mana." Twese ibyo turabizi.

28 Nyuma y'urupfu Rwe, uguhambwa, no kuzuka: Sawuli w'i Taruso yari mu nzira ajya i Damasiko, gutoteza aba—Abakristo, kubera ko bari barigishijwe ibintu bitandukanye n'ibyo yigishijwe. Kandi yari intwari ikomeye; ku ngoma ya Gamaliyeli, umwe mu barimu b'indashyikirwa bo muri icyo gihe, mu ishuri ryabo, mu kigo cyabo cy'abihaye Imana; yari umuntu ukomeye, akaba n'umukozi wa kiliziya. Kandi ni ho Umucyo ukomeye, Inkingi y'Umuriro, yamukubise, ku gicamunsi. Nuko Ijwi riravuga riti: "Sawuli, Sawuli, undenganyiriza iki?"

29 Noneho niba mubonye ko igihe Pawulo, Sawuli, yahagurukaga, akavuga ati: "Mwami, uri nde?" Noneho, uwo muhungu, kubera ko yari Umuyahudi, nta gushidikanya ko atari kwita ku kintu icyo ari cyo cyose, keretse iyo kiba ari ikintu kigereranya Imana, ntabwo yari kugihamagara ngo "Mwami." Rero, Yari ya Nkingi y'Umuriro.

30 Nk'uko Yesu yabivuze ati: "Njya ku Mana. Nturuka ku Mana kandi nsubiye ku Mana."

31 Ni aho Yari ari, nanone mu buryo bw'Inkingi y'Umuriro; Yaravuze ati: "Ndi Yesu uwo urenganya; kandi biragoye gusasa imigeri."

32 Kandi turabizi ko igihe Intumwa Petero, uwahawe imfunguzo zo kubaka Itorero, Tubona ko yari muri gereza, maze iyi Nkingi y'Umuriro inyura mu mbago, ikingura inzugi za gereza, maze isohora Petero, mu buryo bw'amayobera, nta no gucokoza abarinzi. Kuri njye, Ni Yesu Kristo uko yari ejo, ni ko ari uyu munsi, kandi ni ko azahora iteka ryose.

33 Hanyuma muzahora mumenya ikintu icyo ari cyo cyose bitewe n'imiterere yacyo. Ikintu cyose kimenyekana bitewe n'imiterere yacyo, n'imbuto cyera. Kandi ndabasaba kwitegereza ubwoko bw'imbuto cyera, uyu Mucyo ari wo Imana, kubera ko buri gihe Ugaruka ku Ijambo ry'Imana, kandi ukerekana Ijambo ry'Imana, ukigisha Ijambo ry'Imana, kandi Imana rikabyerekana mu buryo bufatika imbere yanyu. Hagomba kuba hari ikintu kiri inyuma Yaryo.

34 Abantu banyise umuhanuzi. Siniyita umuhanuzi, kuko ntatinyuka kubivuga, ariko mfite. . . Tuvuge, nshobora kuvuga ibi, ko Uwiteka yanyemereye kubona ibintu mbere y'igihe, akambwira ibintu byabaye, ibizabaho, n'ibirimo kuba, kandi nta na rimwe bineshwa, incuro ibihumbi n'ibihumbi. Ibyo

Yavuze byose bigomba kuba, byarabaye. Twese turabizi. Niba hari umuntu muri aba badukurikiye bagaragara hano muri iki gitondo, cyangwa uri ahandi hose, ushobora kuvuga igihe kimwe byigeze bineshwa, ufite uburenganzira bwo guhaguruka ukabivuga. Ariko niba buri wese azi ko buri gihe, ku nshuro ibihumbi, byababaga ari byo rwose, navuge ati: "amina." [Itorero riravuga riti: "Amina!"—Ubwanditsi.] Murabona? Bityo rero ibyo byaba ari ikintu kimwe hirya no hino ku isi.

35 Hari ikintu kigiye kubaho. Imana ntabwo ijya yohereza ibi bintu nta ntego ifite.

36 Nari ndimo gutekereza hano. Nayishyize hano, imwe mu nyandiko zanjye. Nambaye muri iki gitondo, udutambaro dupfunditse...Kandi benshi muri mwe mwumvise iby'uyu mukinnyi wa filime, Jane Russell, nyina ni Umupentekote; naho Danny Henry ni mubyara we, mubyara we wa mbere, umwana w'umuvandimwe wa nyina. Yari Umubatisita. Yari ahagaze mu nama, inama y'Abacuruzi i Los Angeles, muri Kaliforuniya, mu myaka ibiri ishize.

37 Kandi nari maze kuvuga amagambo akomeye, akomeye ongera uti akomeye, ko ndetse n'umugenzuzi, umwe mu bagenzuzi bakuru b'Inteko z'Imana, yamanutse akaza ku rubuga avuye hejuru ku rubaraza aho yari yicaye, maze akavuga ati: "Sinizera ko Mwene Data Branham ari byo yashatse kuvuga."

38 Ndavuga nti: "Ni byo nashatse kuvuga, mugenzi. Ni UKU NI KO UWITEKA AVUZE." Kandi, rero, birareba itorero muri iki gisekuruza.

39 Muri icyo gihe, uyu musore w'umucuruzi...Murumuna we arangije...yari arimo gufata amafoto kuri televiziyo muri icyo gitondo, Undi mwene Data ni—ni umugenzuzi w'imihanda wo muri Leta ya California. Maze Danny Henry arakomeza ajya imbere nyuma amateraniro arangiye, ku ruhimbi, nka *gutya*, aho abagabo bose bari bicaye, yaramanutse anzengurutsa amaboko ye. Maze avuga aya magambo ngo, "Mwene Data Branham, ndizera ko ibyo bitumvikanye nka sakirirego, ariko," ati: "ibyo bishobora kuba byari mu gice cya 23 cy'Ibyahishuwe." Ibyo, mu Byahishuwe harimo ibice makumyabiri na bibiri gusa. Yaravuze ati "Nizeye ko ibi bitumvikana nka sakiriregro." Ntabwo yari afite ibirenze ibyo...Noneho, umuhungu wari Umubatisita, kandi nta kintu na kimwe yari azi ku bijyanye n'indengakamere. Akinfashe mu maboko, yatangiye kuvuga mu rurimi rutazwi.

40 Kandi ubwo yasozaga kuvuga mu rurimi rutazwi, hari u—umugore ubyibushye, wijimye wari uhagaze imbere yanjye, yarahagurutse, aravuga ati: "Ibyo ntibikeneye ubusobanuro ubwo ari bwo bwose." Yaravuze ati: "Njye nturuka i Shreveport, Louisiana, cyangwa, Baton Rouge, Louisiana." Ati: "Ibyo birasobanutse."

41 Victor Le Doux, wari Umufaransa, na we wari uhari, yaravuze ati: "Ni byo rwose, ndi Umufaransa, kandi icyo cyari Igifaransa rwose."

42 Naravuze nti: "Tegereza gato. *Wowe* wandike ibyo yavuze, hanyuma *wowe* wandike ibyo yavuze, mbere y'uko ugira icyo uvuga. Andika ibyo uvuga, hanyuma turebe ibyo wanditse." Nuko umwe arandika, undi nawe arandika, ndetse n'imyandikire yari imwe.

43 Hanyuma muri icyo gihe, ubwo bazanaga inyandiko, umuhungu w'umusore ugaragara neza yaraje aturutse inyuma. Aho, nta mwanya uhagije yari afite wo kwicaramo; yari ahagaze inyuma. Araza yigira imbere, aravuga ati: "Mutegereze umunota umwe, nanjye ndashaka kwandika." Yaravuze ati: "Ndi umusemuzi w'igifaransa wa UN, Umuryango w'Abibumbye." Yaravuze ati: "Ndashaka gusiga inyandiko yanjye."

44 Kandi, hano, inyandiko zose uko ari eshatu zirasa neza, z'Igifaransa. Kandi dore uko zisomwa. Iyi ni inyandiko yanditswe mbere, inyandiko yafashwe ako kanya. Iyi ni inyandiko ya Danny, we ubwe, yayishyize mu mufuka we. Birumvikana ko ibyo byabaye mu Bagabo b'Abacuruzi b'Abakristo b'Abashoramari, n'ibindi.

> *Kubera ko wahisemo inzira ifunganye, inzira iruhije, wanyuze mu mahitamo yawe bwite, Wahisemo icyemezo gikwiye kandi gisobanutse, kandi ni cyo NZIRA YANJYE.*
>
> *Kubera ko iki cyemezo gikomeye, umugabane munini w'Ijuru uragutegereje. Mbega icyemezo cyiza wafashe!*
>
> *Ibi ubwabyo ni byo bizatanga, kandi bikerekana intsinzi ikomeye mu Mana y'Urukundo.*

45 Noneho, uwo mugabo yashyize umukono ku izina rye hano, "Iri jambo ryavuzwe haruguru ryasobanuwe na... Danny Henry yahanuriye umuvandimwe Branham, byatanzwe n'abatangabuhamya batatu muri resitora i Los Angeles, muri Kaliforuniya."

46 Noneho, uyu musore umwe watanze ubu buhanuzi, ntabwo yari azi icyo yavuze, yari i Yerusalemu hashize hafi ukwezi. Yagize amahirwe yo gusohoka no—no kuryama mu mva aho Yesu yapfiriye akanahambwa. Nuko ubwo yari aryamye ahongaho, aravuga ngo namutekerejeho cyane maze ntangira kurira. Yaravuze ati: "Mbega ukuntu byagoye cyane kuri Mwene Data Branham guhangana n'isi n'ibi bintu, n'amatorero yose!"

47 Nk'uko byavuzwe mbere, umwe mu bagize itsinda rya Billy Graham yaravuze ati: "Dushobora kubona Billy Graham, kuko amatorero yose yishyize hamwe ku bwe. Tubona Oral Roberts, Abapentekote. Ariko se twagira icyo dukora, mu gihe Ibyo binyuranye n'ibyo abantu bigishijwe?" Ni Imana.

48 Kandi, Danny, icyo akora mu buryo bwo kwishimisha, ni uko akoranya amabuye mato. Yasohotse ajya aho Umusaraba wari washyizwe, aho bavugaga ko Umusaraba washyizwe mu rutare. Nta muntu n'umwe wari hafi aho, nuko amena agace gato k'urutare maze agashyira mu mufuka we nk'urwibutso, agaruka mu rugo nuko akoramo udufungo. Kandi, igitangaje, igihe yakoraga utwo dufungo, twasaga nk'aho twandujwe n'amaraso. Kandi muri buri kimwe muri byo, mu buryo buhoraho, bigenda mu nzira igororotse kandi ifunganye binyuze neza muri ibyo byombi. Noneho ibyo bishobora kuba gusa i . . . Murebe, undi muntu ntashobora kubibona, ariko kuri njye ni ibintu byiyongera ku byo nizera. Nizera ko buri kintu cyose gifite icyo gisobanura.

49 Kandi ubu, muri iki gihe, icyo Umwami afite cyose . . . Niba ibi atari ibyo We yahanuye, byo muri Malaki 4 no muri Luka 17, n'ibindi Byanditswe byinshi bigomba kubaho muri iyi minsi w'imperuka, reka mvuge ibi mu gusoza, byashyizeho urufatiro rw'uwo muntu igihe azazira. Ndashimira cyane Imana Ishoborabyose, niba ari uko bimeze, yampaye akantu gato, mu buzima bwanjye butari ubw'ubuhanga, kugira ngo nerekane ko nishimira urukundo rwanjye kuri Yo, urukundo rwanjye kuri Yo, n'urukundo rwacu ku bantu.

50 Bityo rero, mu by'ukuri, ndavuga kuri iyi ngingo y'*ishyingiranwa n'Ubutane*. Imana itugirire impuhwe twese.

51 Noneho mutege amatwi mwitonze. Kandi bashiki bacu, ntimuhaguruke ngo musohoke; nimwicare akanya gato gusa. Bene Data, namwe nimukore nk'ibyo. Ntimuzimye umuyoboro wanyu, uri muri uru ruhurirane. Ntimugire icyo mukora. Mwicare mutuje iminota mike, kugeza igihe birangiriye. Mutege amatwi mwitonze. Niba mutemeranya najye, mwandike Ibyanditswe nkoresha, hanyuma mubyige musenge mbere yo gufata icyemezo cyanyu.

Mana, dufashe mu gihe tugerageza gukemura iki kibazo.

52 Noneho, bishobora gufata igihe kirekire. Sinshaka ko hagira ikibihutisha. Kandi mufate umwanya wanyu, buri wese muri twe, maze twige Ijambo ry'Imana, mu by'ukuri kandi mu buryo bwuzuye, nk'uko tuzi uko Ryigwa.

53 Reka duhere kuri Mutagatifu Matayo, igice cya 19. Kandi mu ntangiriro, ntekereza ko, hamwe n'umurongo wa 8 w'igice cya 19, ndashaka gutangirira aho. Nshobora no gutangirira ku murongo wa 1, maze ngasoma kugeza ku murongo wa 8 w'igice cya 19.

54 Noneho, mwibuke, ibi bintu mvuga bigomba kuza mw'Ijambo ry'Imana. Ntabwo ari igitekerezo cyanjye bwite, kuko igitekerezo cyanjye ni nk'icy'abandi bose. Ariko ibyo bigomba kuba bihuye n'Ijambo ry'Imana. Mwibuke, Imana irareka ibintu byose bigakomeza. Ntiyigeze ihinduka. Uko yari

iri ejo, n'uyu munsi ni ko iri, kandi ni ko izahora iteka ryose. Murabyizera? Ni yayindi.

55 Noneho ngiye gusoma mu gice cya 19.

> *Birangiye, Yesu arangije ayo magambo, ava i Galilaya, ajya mu gihugu cy'i Yudaya hakurya ya Yorodani.*
>
> *Nuko abantu benshi baramukurikira; abakirizayo . . .*
>
> *Abafarizayo baza aho ari, baramugerageza, . . .*

56 Ndahagararira aho kugira ngo mubashe gusobanukirwa uwamugeragezaga uwo ari we.

> *. . . baramubaza bati, mbese amategeko yemera ko umuntu asenda umugore amuhora impamvu iyo ari yo yose?*
>
> *Nuko nawe arabasubiza ati, ntimwari mwasoma y'uko iyabaremye mbere yaremye umugabo n'umugore,*
>
> *ikababwira iti, ni cyo gituma umugabo azasiga se . . . na nyina, akabana n'umugore we akaramata: bombi bakaba umubiri umwe?*
>
> Bituma *batakiri babiri, ahubwo babaye umubiri umwe. Nuko icyo Imana yateranyirije hamwe, umuntu ntakagitandukanye.*
>
> *Baramubaza bati, niba ari uko, ni iki cyatumye Mose ategeka ko umugabo aha umugore urwandiko rwo kumusenda, ngo . . . abone uko amwirukana?*
>
> *Arabasubiza ati, Mose yabemereye gusenda abagore banyu kuko imitima yanyu inangiye: ariko uhereye mbere hose ntibyari bimeze bityo.*

Noneho, Mana, dufashe.

57 Iki Cyanditswe, iki kibazo, cyabajijwe na Yesu mu ntangiriro y'umurimo We. Kandi cyashyikiye na Mose mu ntangiriro y'umurimo we. Ni ikibazo cy'ingenzi mu mitima y'abizera. Umunyabyaha ntacyo bimubwiye. Ariko ni ku bizera, kuko umwizera aba agerageza gukora ibyo azi byose kugira ngo abeho neza imbere y'Imana. Bityo rero, ikibazo icyo ari cyo cyose kivuka ku idini, hanyuma urubanza rw'*Ishyingiranwa n'Ubutane* rukavuka. Kubera iki? Kubera ko ari yo mpamvu y'icyaha cy'umwimerere. Aho ni ho icyaha cyatangiriye. Kandi ni yo mpamvu bivugwa buri gihe, kuko ari yo ntangiriro y'icyaha.

58 Noneho nta mwanya nzabona wo gusobanura ibyo bintu byose, ariko nzanezezwa no gusubiza ibaruwa yanyu cyangwa ikindi kintu cyose nshoboye. Cyangwa, dufite ibitabo byanditsweho, n'ibibazo byinshi, ndetse n'ibice byakuwe mu binyamakuru n'ibindi hano, Kugira ngo tubigaragaze, tuzi ko ari Eva (Ipome yagombaga kurya, n'ubwo bitanashingiye ku Byanditswe, none ubu bavuga ko ari apiriko; nta n'imwe muri izo), yarasambanye, abyara umwana w'imfura, ari we Kayini,

umwana wa Satani, kuko muri we hari harimo ikibi. Ntabwo cyaturutse kuri Abeli. Umwana wa Satani yari Kayini.

59 Ndabizi ikibazo cyanyu nonaha, "Eva yaravuze ati: 'Nabonye umugabo uturutse ku Uwiteka.'" Ni byo koko.

60 Ushobora gufata umugore w'iteshamutwe mu mujyi, umugabo mubi cyane; Iyo baza kubyara, byari kuba biturutse ku Uwiteka, kuko Imana ifite amategeko yashyizweho. Kandi aya mategeko, ni nk'uko izuba rirasa; utera ibishokoro mu murima mwiza, bigakura. Kandi bigomba gukura, kuko ari itegeko ry'Imana. Iyo imbuto itewe, igomba gukura. Kandi nta kindi gishobora gukuza ubuzima uretse Imana, kuko gikorera munsi y'amategeko Yayo. Bityo rero igihe imbuto mbi yaterwaga mu nda ya—ya Eva, yagombaga kubyara, kuko ari itegeko ry'Imana ryo kororoka. Kandi nta kindi cyashoboraga gukora uretse kubizana, kandi byagombaga guturuka ku Mana.

61 Ni yo mpamvu abantu bavuga bati: "Impinja nto," rimwe na rimwe, "zitabyawe n'ababyeyi b'Abakristo, zarazimiye."

62 Amaraso ya Yesu Kristo impongano z'Amaraso ku mwana, sinitaye ku kuntu yavutse ndetse n'uko yavutse ari mubi. Ni umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'isi. Umwana muto ntashobora kwihana, kuko ntacyo aba afite cyo kwihana, kandi icyo cyari icyaha cy'isi cyajyanwe kure n'Amaraso ya Kristo. Abana bajya mu Ijuru.

63 Ni icyaha cy'inkomoko, kandi ni yo mpamvu, gi—giteye ikibazo. Iyo ikintu gikomeye giturutse ku Mana, ikintu cya mbere ni iki: "Bimeze bite ku bijyanye n'ishyingiranwa n'ubutane?" Noneho, nk'uko byahoze, kiracyari ikibazo mu bantu. Nk'uko byari bimeze mu gihe cya Yesu, nk'uko byari bimeze mu gihe cya Mose, ni ko byahoze, kandi ni nako bikiri kugeza uyu munsi, ikibazo cy'abantu, kuko abantu bashaka kumenya Ukuri.

64 Ariko aho ikibazo kiri, hagomba kuba n'igisubizo. Kandi ubu nk'uko nabivuze mbere, muri iki cyumweru, hagomba kuba hari igisubizo cy'ukuri. Kandi iyo tubonye igisubizo ku kintu icyo ari cyo cyose, kandi ki—kitari cyo, icyo gihe tumenya ko kitari ukuri. Ariko hari, wakomeza kubaza kugeza igihe ikibazo cy'ukuri gisubirijwe, niba ushaka kumenya Ukuri. Kandi kubera ko iki ari ikibazo gishingiye kuri Bibiliya, hakagombye kuboneka igisubizo gishingiye kuri Bibiliya.

65 Ni nk'uko nabivuze, iyo nshaka kujya iburasirazuba muri iki gitondo, kandi nari nzi neza ko, nagombaga gushaka ikintu runaka mu murima, kandi cyari iburasirazuba neza neza, rero nagiye iburasirazuba. Hari umuntu wavuze ati: "Mwene Data Branham, *aha* ni iburasirazuba." Ni iburasirazuba, birashoboka, ariko ni mu majyaruguru y'iburasirazuba. Nashoboraga kurenga ikintu nashakaga; nashoboraga gusubira inyuma ngirango si ho. Hanyuma niba umuntu avuze ati: "Mwene Data Branham,

nyura *iyi* nzira, iburyo bwawe." Noneho, aho hashobora kuba ari iburasirazuba, ariko ni mu majyepfo y'iburasirazuba. Natakaza ikintu nashakaga, kuko narenze imipaka y'inzira itunganye kandi itaziguye.

66 Noneho, niba ari uko bimeze, dufite ibitekerezo bibiri ku *Ishyingiranwa n'Ubutane*. Kandi ni ukuvuga ko, umwe muri bo avuga, ko, "Umugabo ashobora gushyingirwa rimwe gusa, keretse umugore we apfuye." Kandi icyo ni kimwe mu bibazo, nyamara, ugiye gukurikirana ibyo, urenga urugero. Hanyuma undi akavuga ati: "Oya, keretse niba umugore cyangwa umugabo, umwe muri bo, yasambanye, umwe muri bo ashobora gutandukana agashyingirwa bundi bushya." Urabyisangamo warenze urugero.

67 Rero, murabona, ntabwo ari mu majyepfo y'uburasirazuba cyangwa mu majyaruguru y'uburasirazuba; dushaka iburasirazuba neza neza. Uca ku ruhande rw' Ibyanditswe Byera iyo unyuze muri *iyi* nzira, uca ku ruhande rw'Ibyanditswe Byera iyo unyuze muri *iriya* nzira. Turashaka kumenya aho Ibyanditswe bihurira n'Ibyanditswe, kandi tumenye Ukuri kwabyo. Buri wese afata inzira itandukanye, kandi ntatange igisubizo gikwiye, ariko hagomba kubaho igisubizo.

68 Ni nk'aho, uyu munsi, hari amashuri abiri akomeye yo mu itorero; Rimwe muri yo ni Kaluvinisimu, irindi ni Armin-. . . Aruminisimu. Rmwe muri yo ni iry'amategeko, irindi ni iry'ubuntu. Kandi twaje gusanga abantu bizera ubuntu, aba Kaluvinisiti, bavuga bati: "Imana ishimwe, kunywa itabi ntabwo bingirira nabi. Kunywa inzoga ntabwo bingirira nabi. Nshobora gukora ibi bintu, mfite umutekano w'Iteka." Hanyuma dusanga urundi ruhande, ku banyamategeko, bavuga bati: "Oh, ndashaka kumutuka cyane, ndashaka kumwereka ikintu cyiri ku mutima wanjye, ariko, ndi Umukristo, ngomba kuguma ntuje." Urabona, wisanga mu nzira ebyiri zitandukanye, kandi nta n'imwe muri zo ifite ukuri. Noneho, ibyo biragoye kubivuga, ariko ni ukuri.

69 Twisanga mu nzira ebyiri zitandukanye; imwe, ijya mu yindi; imwe, indi. Noneho reka turebe Ukuri icyo ari cyo.

70 Noneho mutege amatwi, murebe niba ibi bisa n'ibifite ishingiro kuri mwe. Urugero, nintegura kujya mu mahanga, nzafata umuryango wanjye, Nzahamagara umugore wanjye aze aho ndi, maze mubwire nti: "Tugiye. . . Ndagiye hakurya y'inyanja, mukundwa." Noneho dore uruhande rw'umunyamategeko, "Noneho, mugore wanjye, ngiye kugushyiriraho amategeko! Nukundana n'umugabo uwo ari we wese mu gihe ntahari, ubwo ningaruka uzaba umugore watandukanye n'umugabo. Kandi sinshaka ko utereka amaso, sinshaka ko ukundana! Urabyumva? Ndi umugabo wawe! Nubikora, ningaruka nzagusenda."

71 Hanyuma arampamagara nuko amfata mw'ishingo, maze arambwira ati: "Mugabo wanjye mwiza, hari icyo nshaka kukubwira, urabona, urabona, ko nureba umugore uwo ari we wese, cyangwa ugasohokana umugore uwo ari we wese, cyangwa ugakundana n'umugore uwo ari we wese, nugaruka uzaba umugabo watandukanye n'umugore." None se, urwo ntirwaba ari urugo rwiza? Ibyo byaba bikurikije amategeko. Nta kibazo.

72 Noneho, ku rundi ruhande ni, uko iyo ngiye mu mahanga ngakora ikosa. . . Nkagenda nkavuga nti: "Noneho, reba, ndaza gusohokana *uyu* mugore. Yoo, bikaba byiza ku mugore wanjye, ntabigireho ikibazo." Umugore wanjye nawe akavuga ati "Nzasohokana n'*uyu* mugabo. Bikaba ari byiza kuri Bill, simbigireho ikibazo." Niba ntacyo bintwaye, ubwo hari ikibazo kiri muri njye; ntabwo nkunda uwo mugore neza. Niba kandi nta kibazo abifiteho, hari ikitagenda neza kuri we. Ni umugore wanjye; sinshaka ko undi mugabo amushukashuka. Ni umugore *wanjye*.

73 Noneho, uburyo bwiza bwo kubigeraho, ni uko, byombi bifite ukuri, ariko si Ukuri nyako.

74 Ubu iyo ngiye mu mahanga, kugira ngo ibintu bikosorwe, umuryango wanjye muto uraterana, tugasengerana. Kandi nkabegurira Imana, nabo bakanyegurira Imana. Iyo tumaze kubikora, tujya mu mahanga. . . Njya mu mahanga. Noneho, nzi ko ankunda; mufitiye icyizere. We-. . . kandi ndamukunda; amfitiye icyizere. Igihe cyose nkimukunda gutyo, nta mpungenge afite z'uko nasohokana n'undi mugore uwo ari we wese. Igihe cyose ankunda neza, ntabwo ari ngombwa ko ntekereza ku wundi mugabo uwo ari we wese wasohokana na we, kubera ko ari umugore wanjye kandi ndamwizera.

75 Ndizera ko, iyo ubu nkora ikintu kibi, ngakora ikosa ngasohokana n'umugore runaka, maze ngasubirayo nakagombye kumwaturira, nkabimubwira nti: "Meda, sinashakaga kubikora. Gusa naguye mu mutego; uyu mugore yangenzeho gusa maze—maze amfata ukuboko, atangira *gutya-na-gutya,*" Ndizera ko yabyumva. Ndizera ko yambabarira. Ariko sinabikora, ku busa, kuko mukunda. Ndumva yambabarira, sinabikora. Sinamubabaza, ku busa. N'ubwo nzi ko yambabarira, sinshaka kumubabaza.

76 Kandi uko ni ko bimeze no ku Mana. Niba ari. . . niba urukundo rwa *filewo,* ari rwo rukundo rwa kimuntu, urukundo rwa kivandimwe, rushobora gutuma umugabo arwiyumvamo ku mugore we; Byagenda bite ku rukundo rwa *agapao,* ijambo ry'Ikigiriki risobanura "urukundo rw'Imana," ibyo byatuma nkora iki ku byerekeye Yesu Kristo? Njyewe, igihe cyose nzifuza kubikora, nzabikora n'umutima wanjye wose! Wenda. . . navuga ngo, igihe cyose kubikora bikiri mu mutima wanjye, ngiye kubikora. Gukurikiza amategeko ntibizanyemerera kubikora, ni

uko nari nzi ko nzahanwa nindamuka mbikoze. Ariko Ukuri kwabyo ni uko, iyo urukundo rw'Imana ruje mu mutima wawe ugeza igihe *ushatse* kubikora. Uko ni ko Kuri kwabyo. Hari amashuri abiri. Si iry'amategeko cyangwa irindi, cyangwa inyigisho za Calvin, ni yose.

77 Noneho tumenye uyu munsi, ko, hari amadini menshi atandukanye. Hariho kiliziya Gatolika, itorero ry'Abaporotesitanti. Buri yose muri yo avuga ko ari Inzira, murareba, "Dufite Inzira, turi mu Ukuri." Hariho Abametodiste, baravuga bati: "Dufite Ukuri." Ababatisita nabo bakavuga bati: "Dufite Ukuri."

78 Ni byiza, kuri njye, igihe cyose bakibyiyumvisha muri ubwo buryo, ntabwo ari byo, kuko Yesu yavuze ati: "Ni njye Kuri." Murareba?

79 Bityo rero, nk'uko ikibwirizwa cyanjye cyo mw'ijoro ryakeye cyari, ni We hantu Imana yashyize Izina Ryayo, ahantu honyine ho gusengera. Ntabwo uri Umukristo kuko uri Umuporotesitanti. Ntabwo uri Umukristo kuko uri Umunyagatolika. Ntabwo uri Umukristo kuko uri Umumetodisite, Umubatisita, cyangwa Umupentekositi. Uri Umukristo kuko wabatijwe muri Yesu Kristo, n'Umwuka Wera, atari n'amazi. "Hariho Kwizera kumwe; Umwami umwe; umubatizo umwe," ni wo Mubatizo w'Umwuka Wera. Umubatizo wo mu mazi ugufasha mu busabane. Umubatizo w'Umwuka Wera ugufasha muri Kristo. Uko ni ko Kuri.

80 Dufite kandi ibitekerezo bibiri kuri iri *Shyingiranwa n'Ubutane*. Noneho, ku bw'ibyo, Umwami wacu yaduhishuriye ubwiru bw'Ibimenyetso Birindwi by'Ijambo Rye, muri iyi minsi y'imperuka. Noneho, benshi muri mwe, ibi bishobora kuba ari Ikigiriki kuri mwe, ariko itorero ryanjye rirabyumva. Bivuye ku ki? Mwumvise iby'amayerekwa n'ibyabaye. Kandi ikibazo ni ikibazo gishingiye kuri Bibiliya, twatumiwe hano kugira ngo twizere ko hagomba kubaho igisubizo cy'ukuri ku ibanga ryose ryahishwe kuva isi yaremwa. Kandi Bibiliya irahanura kandi ikavuga ko muri iki gihe aya mabanga azamenyekana. Ibyahishuwe 10, "Kandi ku ijwi rya malayika wa karindwi, intumwa ya Lawodikiya, ubwiru bw'Imana bugomba kumenyekana." Kandi iki ni cyo gisekuruza cya nyuma, ari cyo Lawodikiya.

81 Murebe ubu bubyutse bwose bumaze imyaka cumi n'itanu cyangwa irenga, kandi nta dini na rimwe ryavuyemo. Luther yagize ububyutse, hatangira idini; Wesley, hatangira idini; Alexanderi Campubeli, hatangira idini; abo bose bakomeye. . . Yohana Smith n'ibandi, amadini, Moody, n'abandi bakurikiyeho. Ariko habayeho rimwe. . . Ubusanzwe ububyutse bumara imyaka itatu gusa. Ariko ubu bwamaze imyaka igera kuri cumi n'itanu, kandi nta dini na rimwe ryabuturutsemo,

kuko iki ari cyo gihe cy'imbuto. Nta gishishwa kikiriho; igishishwa iyo kivuyeho, haza imbuto.

82 Imana iriteguye, niba Itabikora iki gihe, Igiye guhamagara Itorero mu gutungana kubw'Ijambo Ryayo, Yesu Kristo. Mumenye ko, hagomba kuba hari igisubizo ahantu runaka, kandi kubera ko ari ubwiru bw'Imana bw'Ibimenyetso Birindwi, Ibimenyetso Birindwi . . .

83 Ni bangahe babyumva, nimuzamure ikiganza cyanyu. Reka turebe. Ndatekereza ko abenshi muri bo ari iteraniro ryacu rituruka hirya no hino, mutege amatwi. Bitabaye ibyo, ibitabo bizasohoka vuba aha, kuri iyo ngingo. Dufite ibitabo, hari ibitabo bimwe bivuga kuri Ibyo ubungubu.

84 Yesu, mu nyandiko yacu, aduhamagarira gusubira mu ntangiriro, kugira ngo tubone igisubizo cy'ukuri gishingiye ku Byanditswe.

85 Noneho, ubwo Yahuraga n'ibi, hari ibintu bibiri byari bihari. Abatambyi baramubaza bati "Ese umugabo ashobora kwirukana umugore we, agashaka undi, ku mpamvu iyo ari yo yose?"

Yesu arabasubiza ati: "Kuva mu ntangiriro ntabwo byari bimeze bityo."

Hanyuma baravuga bati: "Mose yatwemereye kwandika urwandiko rwo gutandukana, no kumusenda ku bw'impamvu iyo ari yo yose."

86 Aravuga ati: "Ibyo, Mose yabikoze kubera," ibi ndabitindaho, "kubera kunangira imitima kwanyu; ariko kuva, cyangwa uhereye mu ntangiriro ntabwo ari ko byari bimeze." Ikibazo!

87 Ikibazo cyo muri iki gihe, nk'icy'amahoro ku isi ni iki: "Ese azaza anyuze muri politiki, ubumwe bw'ibihugu, byishyize hamwe?" Ndababwira nti, oya. Buri gihe byarananiranye, kandi bizongera binanirane. Ariko haracyari igisubizo cy'ukuri gisigaye ku kibazo, "Ese hazabaho amahoro ku isi?" Yego, igihe icyaha kizaba cyakuweho ku isi, hazabaho amahoro. Ariko kugeza icyo gihe, nta mahoro azabaho; "igihugu kizatera ikindi, n'ubwami butere ubundi bwami." Imana yatanze umuti w'icyaha. Mutege amatwi mwitonze ubungubu. Imana yatanze umuti wo gukuraho icyaha ku isi, ariko abantu bo mu isi ntibazemera umuti w'Imana.

88 Imana yaduhaye umuti n'uburyo bwo gushaka abagore bacu no kubana nabo, ariko umuntu ntabwo yemera umuti w'Imana, ntabwo yemera Ijambo Ryayo kuri wo. Yesu ibi yarabivuze. Kandi ibi bitwibutsa a—amagambo Ye, tuzi ko yavuze ati: "Ijuru n'isi bizashira, ariko Iryanjye ntirizashira."

89 Ikibazo, igisubizo nyakuri Yesu ashaka ko dusubiramo, ni ugusubira mu ntangiriro. Noneho, ibyo byari kubaho

mw'Itangiriro, kuko ijambo *Itangiriro* ari imbuto ya buri gice muri Bibiliya. Kandi mugomba buri gihe gusubira ku mbuto kugira ngo murebe ubwoko bw'imbuto ziri mu murima, kugira ngo mumenye uko imyaka yanyu izaba imeze. None se, imbuto zabibwe ni bwoko ki? Itangiriro, nk'igice cy'imbuto, twasubira mu Itangiriro. Yesu atwereka icyo Cyanditswe, "mu ntangiriro." Noneho, mwibuke ko ari bwo igihe cyatangiye. Mbere y'ibyo, byari iby'Iteka. Noneho, ikibazo cyacu cyariho cyari, nimwitegereze, niba dusubiye mu ntangiriro.

90 Noneho ibi ntibibacike! Kandi ni yo mpamvu nshaka kuvuga nitonze, kubw'abantu bari hanze ku muyoboro, kandi ibyo kaseti izabivuga neza.

91 Iyo Yesu avuga ati: "Musubire ku ntangiriro," hari ibintu bibiri byonyine bihuje by'ikintu icyo ari cyo cyose ku isi. Hari Adamu umwe, Eva umwe, Bahujwe n'Imana yonyine. Ifarashi imwe y'ingore, iy'ingabo imwe; injangwe imwe y'ingore, iy'ingabo imwe. "Mu ntangiriro," nk'uko Yatubwiye gusubira inyuma, hariho ikintu kimwe gusa na kigenzi cyacyo. Ese ibyo ni ukuri? Hanyuma, dusanga byose "mu ntangiriro" byari bimeze neza kandi bihuje n'Imana, nta kintu na kimwe cyari kibuze.

92 Ibintu byose byo mu ijuru biracyari ku murongo; inyenyeri zose, uruhurirane rw'imibumbe, imigendekere y'izuba, byose biri mu murongo neza. Kimwe muri byo kivuye aho kiri, cyabangamira gahunda yose.

93 Noneho nimutege amatwi. Murabona? Guhagarika kimwe byangiza gahunda yose! Noneho, igihe ibiremwa muntu byagendanaga n'Imana mu buryo buhoraho, harimo umugabo umwe n'umugore umwe, Uyu mugore yaje gukora icyaha maze bituma gahunda yose y'isi idakomezanya n'Imana. Bityo rero, ijambo rimwe ryongewe kuri iki Gitabo, cyangwa Ijambo rimwe rivanywe muri Cyo, rikura Umukristo mu gukomezanya n'Imana, bikura itorero mu gukomezanya n'Imana, bikura umuryango mu gukomezanya n'Imana. Umwizera wese ashobora gukurwamo niba atemeye buri Jambo ry'Imana.

94 Hanyuma, umugore ni we watumye urugo rwiza rutandukana. Ntabwo ari Umukerubi wabangamiye isi. Ntabwo ari Adamu wataye urugo. Ntabwo ari ikindi kintu cyataye urugo, ngo gitume ibintu byose bidakomeza, ahubwo ni umugore, Eva. Kandi ni hano aho mu "ntangiriro," Yesu yavuze ko, byangirikiye. Yesu yaravuze ati: "Mu ntangiriro, Imana yaremye umugabo umwe, umugore umwe, kuri buri bwoko." Noneho ubwo uyu mugore. . .atari ifarashi y'ingore, atari imbwa y'ingore; ariko umugore, yashenye imigendekere yose y'ibyo Imana ikorera ku isi, maze byose abyohereza mu rupfu. Umugore, ntabwo ari umugabo, yishe isezerano. Yishe isezerano, kuko (kuki?) yarenze imipaka y'Ijambo ry'Imana. Noneho, niba yararenze ku isezerano yagiranye n'umugabo we,

yarenze isezerano yagiranye n'Imana; hanyuma, kubera ko yishe isezerano yagiranye n'Imana, yaryicanye n'umugabo we.

95 Kandi iyo wishe isezerano ryawe n'ibyo wiyemeje kw'Ijambo ry'Imana, ni byo byatumye abayoboke benshi b'itorero batemerwa n'amategeko, kubera ko itsinda ry'abagabo ryateranye maze rikavuga riti: "Ni byo, *ibyo* si cyo bishatse gusobanura," kandi bikura umuryango wose mu gukomezanya n'Ijambo. "Ntabwo twemera Ibyo. Dogiteri Jones avuga ko atari uko byari bimeze." Ariko igihe cyose Imana yavuze ko ari uko bimeze, Yaravuze iti: "Reka ijambo rya buri muntu ribe ikinyoma, maze Iryanjye ribe Ukuri!" Ahongaho bihagarika imigendekere.

96 Noneho turabibona, kubera ko gukomeza kwahagaritswe, umurongo w'Ubuzima warangiritse, kandi igihe ntarengwa nticyubahirijwe, ibyemejwe byarasheshwe, ibintu byose byarivanze! Ni iki cyabiteye? Umugore. Ibyo ni byo byasenye ibyari byemejwe. Noneho, niba mushaka kubisoma, mushobora gusoma, Itangiriro 3.

97 Noneho, icyo gihe ni bwo umugabo yaremewe gutegeka umugore, binyuze mu Ijambo ry'Imana. Ntabwo umugore yari akingana na we. Yangana na kamere ye, murabizi; ariko, igihe yarengaga ku Ijambo ry'Imana, Imana yamuhaye umugabo wo kumutegeka. Itangiriro 3:16, niba mushaka kubyandika. Ntabwo yari agifite agaciro nk'ak'umugabo. Yari umwangizi w'Ijambo ry'Imana.

98 Ntimubona, "umugore," umugore, itorero riri hano hepfo? Umwangizi w'Ijambo ry'Imana, ryamushyize burundu hanze ya gahunda yo gukomeza. Kandi ni byo itorero ryakoze, maze riteza umwuka w'urupfu ku bintu byose. Noneho muzasobanukirwa impamvu nshimangira ibi bintu nk'uko mbikora. Ibi ni ukuri! Ibi ni ibintu bifatika bya Bibiliya.

99 Mwitegereze, kuki yakoze ikintu nk'iki? Ni gute uwo mugore mwiza, mwiza kandi utunganye . . .?

100 Igihe kimwe nabonye ifoto, nizeye ko hari mu Bugereki, y'umunyabugeni washushanyije Eva. Yari ikintu kigaragara nk'igiteye ubwoba cyane kurusha ibindi byose mwabonye. Ibyo bigaragaza icyo ubwenge bw'umubiri bushobora kureba. Ariko, si ko yari ari; yari mwiza, 'kuko yari umugore utunganye, umugore wujuje ibyangombwa.

101 Mwitegereze, kuki yakoze ikintu nk'icyo, kiri mu rwego rwo hejuru? Yari ari kumwe neza n'umugabo, angana na we. Ariko twese ubu tuzi ko yatakaje uburinganire bwe n'umugabo, igihe yacumuraga, nuko Imana iravuga iti: "Umugabo azaba umutware wawe kuva hano kugeza ibihe n'ibihe." Noneho, icyo ni Icyanditswe. Niba mubishaka, twabisoma.

102 Ndabaha Ibyanditswe, bityo rero mugabanye umwanya wo gukururana gukomeye mu gihugu hose, kugira ngo namwe ubwanyu mubisome.

103 Murebe impamvu umugore yakoze ibyo. Satani amugeraho gute?

104 Ese wari uzi ko Satani yendaga kungana n'Imana umunsi umwe? Yego rwose, yari byose uretse umuremyi; yari byose, ahagaze iburyo bw'Imana, mu Ijuru, umuyobozi w'Umukerubi ukomeye.

105 Murebe impamvu umugore yakoze ibi, ntabwo yari byaremwe mbere. Ntabwo ari mu byaremwe by'Imana; ni icyakuwe. Kubw'ibyo, "mu ntangiriro," nk'uko Yesu babivuze, ntabwo umugore yari umuntu waremwe mbere w'Imana. Ni icyakuwe mu mugabo, igihe Yesu yavugaga ati: "intangiriro."

106 Mwibuke ko Adamu yari umugabo kandi akaba n'umugore, mu iremwa rya mbere, yari umwe, ariko nyuma yaje gukurwamo urubavu.

107 Mwitegereze, ariko yakuwemo, kandi, mumenye, umwe rukumbi mu biremwa byose by'Imana, muri buri nyamaswa n'ikindi kintu cyose, ni we wenyine waremwe muri ubu buryo. Ibindi byaremwe byose by'ibigore byari mu iremwa rya mbere. ibindi bigore byose byaremwe mbere, ariko Eva we ntabwo yari mu byaremwe mbere. Murareba, ibyo byagombaga kubaho gutyo. Tuzabigeraho nyuma y'igihe gito. Nimwitegereze, muri uku kuremwa yari arimo, ntiyari mu kuremwa kwa mbere, ahubwo ni icyavuye mu kindi. Kandi muri iki cyaremwe, harimo. . .

108 Noneho sinshaka kubabaza ibyiyumviro byanyu, ariko ndashaka kubabwira Ukuri. Kandi nimwicara mugatuza; muraba mugize neza.

109 Nta kintu na kimwe cyagenewe kuba umushukanyi nk'umugore ushukana. Nta kindi kintu gishobora kubaho; nta kintu na kimwe cyaremwe kugira ngo kibe gityo.

110 Kandi, nta kintu na kimwe gishobora gushukwa byoroshye nk'umugore. Noneho, kugwa bigaragaza ko aya magambo ari ukuri, kugwa ko mu ntangiriro.

111 Ntabwo umugore yari mu iremwa rya mbere. Yari muri Adamu, ariko ntabwo yari mu gitsina gore, ubwe, mu ntangiriro. Yari icyavuye mu byakozwe.

112 Noneho, nta kintu na kimwe gishobora gushuka, no gushukwa byoroshye, nk'umugore. Nta kintu na kimwe gishobora kugaragara cyangwa gusuzugurika nk'umugore. Mutekereze noneho. Nta kintu na kimwe cyaremwe, mu byaremwe byose, gishobora gusuzugurwa nk'uko umugore asuzugurwa. Ashobora gucagagura umutima w'umugabo mo ibice mu uryo bumworoheye kurusha ikindi kintu cyose kiri ku

isi, ni umugore we. Reka uwo mugore mwiza ajye atemberana n'undi mugabo; nimwitegereze uriya mugabo wicaye hariya hamwe n'abana be, amarira amubunga mu maso. Yaremwe muri ubwo buryo. Yaremwe kugira ngo akore ibi. Nta ngurube, nta mbwa, cyangwa ikindi gikoko, kimeze nk'umugore cyangwa gishobora gusuzugurwa nk'uko ashobora gusuzugurwa. Ibyo ni ukuri.

Hamwe n'icyubahiro kuri bashiki banjye, ndashaka ko mwitegereza gusa.

113 Nta nyamaswa n'imwe ishobora kwiyandarika. Mwita imbwa "imbwerabwezi," imbwakazi, imbwa y'ingabo... ingurube mukayita "impehesi," ariko imico yayo iruta kure cyane iy'ibyamamare byinshi bya Hollywood. Uko ni ko yagaragaye nk'uwo gusuzugurwa. Ntabwo ashobora... Mutekereze ibi noneho. Nta kintu na kimwe ku isi, cyaremwe n'Imana, gishobora kwiyandarika, gusuzugurwa.

114 Muravuga muti: "Tegereza umunota umwe, 'mugabo'!" Tugiye kubigeraho. Umugore agomba kuvuga "yego."

115 Menya ko nta kintu na kimwe cyagenewe gusuzugurwa cyangwa ngo kiyanduze, uretse umugore. Imbwa ntishobora kubikora, ingurube ntishobora kubikora, inyoni ntishobora kubikora. Nta nyamaswa yiyandarika, nta n'ubwo byaba, kuko itaremwe kugira ngo bibe bityo. Ingurube y'ingore ntishobora kwiyandarika, imbwakazi ntishobora kwiyandarika, inyoni y'ingore ntishobora kwiyandarika. Umugore ni we wenyine ushobora kubikora.

116 Noneho murabona aho Satani yagiye? Murareba? Ariko n'ubu, umugore afite imbaraga zo kuvuga "yego" cyangwa "oya." Murabona, biterwa n'aho ashaka kwifata we ubwe. Murabona? Noneho hano dushobora kubona neza urubyaro rw'inzoka, aho rwatangiriye. Hari ahantu hamwe gusa yashoboraga kujya. Iyo ibyo bidashimangiwe, hari umuntu uba impumyi. Murabona? Murabona, byagombaga kujya muri ubwo buryo.

117 Mumenye ko, impamvu inyamaswa zidashobora kubikora, inyamaswa z'ingore, ziri mu byaremwe mbere. Ariko umugore ntabwo yari mu byaremwe mbere. Noneho tugiye gusubira inyuma kugira ngo tubicukumbure, hanyuma mbajyane mu gihe cya none, mu Isezerano.

118 Yagenewe, wenyine, ibyanduye n'imibereho mibi. Imbwa ntishobora, kandi nta yindi ngore ishobora. Ni umugore gusa ushobora. Imbwa cyangwa indi nyamaswa iyo ari yo yose, ibikora rimwe mu mwaka, kandi ibyo ni ukugira ngo ibwagure ibibwana byayo; atari ukugira ngo iryoherwe n'imibonano mpuzabitsina, ahubwo ni kubwo korororka. Ingurube ishaje iheheta, imbwa ishaje ibwerabwera, ibikora rimwe mu mwaka, akanya gato, ibyo ni ukugirango ibwagure. Ariko umugore

yagenewe kubikora igihe icyo ari cyo cyose ashatse. Hari ibintu bimwe na bimwe nakuyemo hano ubu; mushobora kwiyumvisha ibisigaye. Imbwa ntishobora; umugore arashobora. Ndizera ko Umwuka Wera uza kubahishurira ibisigaye nakuyemo hano.

119 Ni we bwoko bwonyine, bw'ingore, bwagizwe bwiza kurusha ubw'ingabo. Nta bundi bwoko mu bintu ibyo ari byo byose. Ibindi biremwa by'Imana byose ibigabo ni byo byiza, nko mu nyamaswa, inyoni, n'ibindi, ibigabo bihora ari byiza.

120 Mwitegereze impongo nini, y'amahembe manini meza, ubwoko bukomeye; n'impongo nto, icisha make. Reba isake nini ifite ubwoya bwayo bwose bwiza; n'inkokokazi nto y'umukara. Murebe inyoni, isake n'inkokokazi. Kuki? Kuki byari bimeze bityo, mu biremwa byose by'Imana? Buri kiremwa, ikigabo ni cyo cyiza kurusha ibindi. Hagati y'intama, hagati y'i—ngurube, hagati y'amafarashi, hagati y'ikindi kintu cyose, Buri gihe ikigabo ni cyo kiba kinini kandi cyiza, no mu biguruka.

121 Ariko mu nyoko muntu, umugore ni we mwiza, ntabwo ari umugabo; Niba ari we, hari ikibazo, hari imbuto yakusanyijwe ahantu runaka. Mu ntangiriro ni ko bimeze. Kuki? Kuki byakozwe? Kugira ngo ashukwe. Uwabishushanyaga, Satani, na we aracyamukoreramo muri iyi minsi y'imperuka.

122 Reka mpagarare hano akanya gato. "Ni byo!" Ese wari uzi ko, ku irimbuka rya mbere, ku rwego mpuzamahanga, ku isi, cyangwa ku isi yose, ryatewe n'abagore beza? "Ubwo abahungu b'Imana babonaga abakobwa b'abantu ari beza, bakabagira abagore." Ni byo?

123 Mwabonye ubwiza bw'abagore bwarushijeho muri iki gihe? Nabonye ifoto ya Pearl O'Brien, wagombaga kuba umugore mwiza cyane mu gihugu, mu bihe byashize. Nta mukobwa w'inkumi uri muri iki kigo cy'amashuri wahanganaga nawe mu bwiza.

124 Ubwiza bw'abagore bwiyongera burimo kwerekana igihe cy'ubushukanyi. Ni ryari urusengero rwagaragaye neza kurusha uko ruri muri iki gihe? Ibintu byose birimo inyubako nini kandi nziza, na za miliyoni z'*ibi* na za miliyoni za *biriya*. Ese ntimubona, "umugore," uburiganya!

125 Ubu nta kintu na kimwe gishobora kwiheba nka we, kandi yaremwe kugira ngo abashe gushukana. Kandi Satani arimo kumukoreramo uyu munsi, muri iyi minsi y'imperuka, kuko ari we umurimbisha. Nshobora kubihamya ubu. Dusubire inyuma mu ntangiriro, ni nde watangiye kumukoreramo, Adamu cyangwa Satani, Imana cyangwa Satani? Urabona, uwo ni we umurimbisha. Ni intwaro ye y'ingenzi yo gukururira umugabo mu mwanda we, kuko ari umugore mwiza, ashobora kuyobya umugabo uko abyifuza. Muvandimwe, si agace k'ubujura hano hepfo gafata uwo mugabo; Ni umugore mwiza ugenda mu muhanda, yikaraga, yambitse igice kimwe cy'umubiri. Ibyo

ni byo bisaba...Uwo ni umushukanyi uri ahongaho. Kandi ni byo yicisha, birica cyane. Mushobora kumbaza ibyerekeye Satani nk'uwamurimbishije, ariko uko ni Ukuri. Satani ni we wamurimbishije. Aracyabikora.

126 Reka mbereke ikintu mu Byanditswe. Ngomba kubasubiza mu Byanditswe Byera, hanyuma mufate igitekerezo cyanyu nk'uko mubibona uyu munsi.

127 Satani ni we ugaragaza ubwo bwiza. Iyo tubyitegereje, dusanga yari afite ubwiza buruta ubw'Abamalayika bose bo mu Ijuru. Si byo se? Kandi yifuzaga guhindura Ijuru ahantu heza kuruta ubwami bwa Mikayeli. Si byo se? Nanone, kugira ngo yerekane ko Kayini ari umuhungu we, yatanze ituro ryiza kurushaho, ibicaniro bye yabitatse imbuto n'indabyo, n'ibindi. Si byo se? Ni byiza cyane! Icyaha ni cyiza, icyo twita ubwiza muri iki gihe. Kandi icyaha kirashukana, kubera ubwiza. Ntabwo mwigeze mubona umugore amanuka mu muhanda akavuga ibiri mu mutima we. Murareba? Ariko nifuzaga kuvuga ibi bintu kugira ngo murebe impamvu Satani ari we wabimugize. Ni byo rwose, umuhungu we bwite wahamirijwe, Kayini. Noneho, ni mwiza cyane ku buryo ashobora gushukana.

128 Isi ni nziza ku buryo ishobora kuyobya. Ndavuga *kosimosi*, gahunda y'isi. Ni nziza cyane ku buryo ishobora kuyobya, ahantu heza hakomeye kandi hari ubutunzi.

129 Mwibuke umuhanuzi, Amosi, ubwo yazamukaga maze akitegereza umujyi hasi mu kibaya, maze abibona nk'aho ari Hollywood igezweho, amaso ye mato ashaje yaratangiye guhenengera, munsi y'uwo musatsi w'imvi watenderaga mu maso he. Maze aramanuka ajyayo afite Ubutumwa, maze abuvugira aho hantu. Yaravuze ati: "Imana nyine uvuga ko ukorera, izagusenya!" Ni byo.

130 Icyaha, ni cyiza. Batekereza Yuda nk'umusinzi ushaje wicaye hano ku muhanda ahantu runaka, n'umunwa wuzuyeho isazi, n'ibindi, nka Yuda. Yuda yari mwiza, afite imbaraga, umushukanyi. Si uwo mugabo wo kureba hafi yawe, si umugabo (umuhinzi ushaje) winjiye yambaye isarubeti, yitegereza umugore wawe; ni umunyamayeri cyane, ni umugome.

131 Icyaha ni cyiza ku isi, ariko Imana ntabwo igaragara muri ubwo bwiza. Ese wari ubizi? Imana igaragarira mu mico, imico myiza.

132 Muri Bibiliya, Yesaya 53, niba mushaka kwandika Ibyanditswe. Hari imirongo y'Ibyanditswe Byera yanditse hano ku ruhande rwayo. Muri Yesaya 53, Bibiliya yavuze ku Mwami wacu Yesu, ngo: "Nta bwiza Yari afite bwatuma tumwifuza. Kandi twarihishe nk'aho twakamuhishe mu maso hacu." Ni byo koko? Ntitwigeze tumwifuza, kuko atari mwiza. Birashoboka ko yari umusore muto, w'intugu zihetamye, ukanyaraye mu maso, kandi ntiyifuzwaga nk'umuyobozi. Ntiyagaragaraga

nk'umuyobozi. Yavuganaga n'abantu basanzwe b'inshyanutsi zo ku muhanda, n'abandi, nk'uko abantu babigenza, abantu basanzwe, bityo rero ntiyagaragaraga nk'intiti iyo ari yo yose ikomeye, yize, imeze neza, wambaye yikwije, n'ibindi byose. Yari Umuntu usanzwe gusa. "Nta bwiza Yari afite bwatuma tumwifuza." Yagendaga yinjira asohoka mu bantu, abanyuramo, nta n'ubwo bari bazi Uwo Yari we. Ntiyasaga n'imana ibagendagendamo, icyo twakwibwira ko ari imana. Ariko, icyo, ni cyo Yari cyo!

133 Mwabonye igihe Umwami Imana yavuganaga na—na Samweli iti: "Genda mu nzu ya Yese, usige amavuta umwe mu bahungu be, abe umwami, kugira ngo asimbure Sawuli"?

134 Noneho, abantu bo bahisemo Sawuli, ubwo Samweli ababuza rwose kubikora. Aravuga ati: "Imana ntishaka ko mugira umwami; ni Yo Mwami wanyu." Aravuga ati: "Hari icyo nigeze mbabwira, mu Izina ry'Umwami, ariko se byagenze bite? Ese nigeze mbasaba amafaranga cyangwa *ikindi kintu*, kugira ngo mbeho?"

135 Baramusubije bati: "Oya, ntabwo wigeze udusaba amafaranga. Kandi ibyo wavuze byose, mw'Izina ry'Umwami, byarasohoye. Ariko turashaka umwami, uko byagenda kose," bahisemo Sawuli. Nimurebe icyo isi yahisemo! Nimurebe ibyo Isiraheli yahisemo! Isiraheli, abasizwe b'Imana, bahisemo umugabo waru ufite igituza, n'intugu zisumba iz'abandi bagabo bo mu gihugu; ukomeye, munini, umeze neza, umusore mwiza, kandi usa neza, kandi yahoraga ari inshyanutsi.

136 Ariko Imana iravuga iti: "Ngiye kubatoranyiriza umwami nihitiyemo." Nuko Iravuga iti: "Samweli, ntabwo ngiye kukubwira uwo ari we, ariko zamuka ujyeyo. Ni umwe mu bahungu ba Yesaya."

137 Yese, umugore we, n'abandi bose barebye hirya no hino, baravuga bati: "Yego, umuhungu wacu w'imfura, ni ukomeye, muremure kandi mwiza, azagaragara neza nk'ikamba ry'umwami. Arasobanutse. Yarize. Ni umuntu mwiza. Nzi ko azaba umunyakuri. Avuga ijambo rye neza."

138 Bamuzanye, Samweli yafashe urwabya rw'amavuta ajya aho ari. Aravuga ati: "Oya, Uwiteka yamwanze." Nuko aragenda agera ku bahungu batandatu, maze Uwiteka arabanga bose. Aravuga ati: "Nta wundi usigaye?"

139 "Yoo," yaravuze ati: "yego, hari umwe usigaye, ari inyuma hariya aragiye intama. Yari yiyicariye inyuma ahongaho acuranga indirimbo, akaziririmba, akavuza induru cyane, hanyuma agakomeza. Ariko, ni umusore ushaje uhetamye intugu, ufite iminkanyari, ntabwo akwiye kuba umwami."

140 Yaravuze: "Mugende mumuzane." Mu gihe Dawidi yazaga imbere y'umuhanuzi, umuhanuzi yirukankanye amavuta maze ayasuka ku mutwe we, aravuga ati: "Uyu ni we Imana

yatoranyije.” Ntabwo ari ubwiza; ahubwo ni imico. Imana ireba imico.

141 Umuntu areba ubwiza karemano. Burashukana. Ni yo mpamvu umugore yahawe ubwo bwiza, kugira ngo ashukane, gushukana. Umugore mwiza, iyo atabikoresheje neza, biba umuvumo kuri we; ibyo bizamwohereza mu kuzimu vuba kurusha ikindi kintu cyose nzi. Niba gusa . . . Niba ashobora kuba mwiza, rwose, igihe cyose agumanye n’umugabo we kandi agakora ibikwiye, kandi ibyo—ibyo byaba ari byiza kandi birasobanutse. Ariko ashobora gufata icyo kintu kimwe, maze, yewe, uburyo ashobora kugishukisha, ni uko yagihawe kugira ngo agikoreshe ibyo.

142 Mwitegereze neza, noneho, ariko Imana yita ku mico. “Yesu nta bwiza yari afite ku buryo twamwifuza,” ariko muri ubwo buryo nta muntu n’umwe wari umeze nka We, kw’isi.

143 Noneho tumenye ko, uyu munsi, ko i—imico y’itorero, Satani n’itsinda rye, yita ku matorero manini kandi meza, ibintu byiza. Ibyo ni byo isi ireba muri iki gihe. “Oh, ni pasiteri, igihe gikomeye cya *runaka na runaka, runaka na runaka,* abatambyi kandi b’abanyamurava cyane, bagenda hanze aha, aya makanzu maremare, n’ibindi nk’ibyo.” Ibyo bakabyita ubwiza.

144 Ariko abera b’Imana nyakuri bashakisha imico y’Ijambo ryemewe.

145 Ni byo abera bakoze muri icyo gihe, ubwo babonaga Yesu. Nta kintu yari cyo cyatuma yitabwaho, ariko babonye Imana yari iri muri We. Babonye Imana yari iri kumwe na We.

146 Uko ni ko abo, Yowabu n’iyo mico yari iri muri Dawidi, umusore muto wa kera, ariko babonye u—umugabo wari muri we. Babonye ko Imana yari muri we, kandi bari bazi ko umunsi umwe azagera ku butegetsi. Bo . . . Umwe wishe abandi bavandimwe batanu ba Goliyati, akoresheje ukuboko kwe. Umwe wishe abagabo magana atatu; ubwo abagore bamwe bari barimo gutoranya ibishyimbo byo kurya nimugoroba, n’ngabo zimaze kugenda, maze afata icumu yica abagabo magana atatu b’Abafilisitiya. Kamere! Kubera iki? Bagumye iruhande rwa Dawidi. Bari bazi ko amavuta yari kuri we, kandi bari bazi ko agiye kwinjira mu butegetsi.

147 Ishusho iboneye y’Itorero ry’uyu munsi rizahagarara ku Ijambo! Tuzi ko bizagaragazwa ko ari ukuri. Tuzi ko umunsi umwe azajya ku butegetsi. N’ubwo Sawuli . . . Kandi yari yarahunze andi mahanga, ariko bari bazi ko agiye kwinjira mu butegetsi. Tuzi ko na We agiye kujya ku butegetsi, bityo dufata iryo Jambo tukarihagararaho, uko byagenda kose. Niba tugomba gutema Abafilisitiya, cyangwa tugasimbukira mu rwobo tukica intare, nk’uko umwe yabigenje, turagenda uko byagenda kose, kuko ari . . . uko ni ko Imana yabigennye. Dushaka imico.

148 Mushobora kumbaza muti: "Kuki Yemeye ko umugore agirwa igishushanyo mbonera gutyo?" Sinshaka gufata umwanya munini, kuko mfite byinshi byo kuvuga hano. "Kubera iki," ikibazo gishobora kuvuka noneho: "kuki Imana yagize uyu mugore gutya? Kuki yemeye ko bisa nk'ibyo?" Byari ku bw'inyungu Zayo Bwite. Yego rwose.

149 Noneho niba mushaka kurebe muri Bibiliya zanyu umunota umwe gusa, reka duhindukire turebe mu Baroma 9, umunota umwe gusa, tubereke ikintu, uburyo Imana ikora ibi bintu, niba mushaka ku—kubisoma. Kandi hano dushobora kubona ibyo Imana ikora ku bw'inyungu Zayo Bwite. Abaroma 9:14.

Noneho *twavuga iki?*

*Hariho gukiranirwa* imbere *y'Imana?...*

150 Igihe Yatoranyaga Esawu, cyangwa igatoranya Yakobo maze ikareka Esawu, mbere y'uko umwe cyangwa undi muhungu ashobora kugira amahitamo, we ubwe, nta n'umwe muri bo; mbere y'uko bavuka, bakiri mu nda ya ba nyina, Imana yaravuze iti: "Nanze Esawu, nkunda Yakobo." Murareba? Kubera iki?

> *Kuko* yabwiye *Mose ngo, Nzagirira imbabazi uwo Nzazigirira, kandi nzagirira impuhwe uwo nzagirira impuhwe.*
>
> *Nuko rero si...kubw'ushaka, cyangwa...uwiruka, ahubwo ni Imana igira imbabazi.*
>
> *Kuko Ibyanditswe bivuga kuri Farawo biti: "Ni cyo cyatumye nguhagurutsa, kugira ngo nkwereke imbaraga zanjye muri wowe, kandi izina ryanjye ryamamare ku isi yose.*
>
> *Nuko rero*...(Noneho murebe hano.)...*mbere... agirira uwo ashaka kugirira imbabazi, kandi uwo ashaka amutera umutima utaryarya.*
>
> *Muzambwira* muti: "None se kuki...*agushinja iki?" Kuko ari nde wanze ibyo ashaka?*
>
> *Oya, yewe muntu, uri inde utuka Imana? Ese icyabumbwe cyabaza uwakibumbye kiti: "Kuki wandemye* gutya?"
>
> *Mbese umubumbyi ntafite ububasha bwo gukora ibumba, akoresheje umugozi umwe, kimwe mu byo abumbamo igikoresho cy'icyubahiro, ikindi mu byo abumbamo?*
>
> *Bite se niba Imana, ishaka kugaragaza uburakari bwayo no kumenyekanisha imbaraga zayo, yihanganiye...kwihangana gukomeye, igikoresho cy'umujinya cyagenewe kurimbuka:*

*. . .kugira ngo amenyekanishe ubutunzi bw'ubwiza bwe ku ntebe y'imbabazi, yari yarateguriye icyubahiro cyera,*

151 Noneho mubanze muhagarare kuri ibyo. Imana ni yo yabikoze! Yagombaga kubikora muri ubu buryo. Byagombaga kubaho. Noneho nimwumve. Noneho mu minota igera kuri itanu, ndashaka guhamagara ibitekerezo byanyu ku kintu runaka.

152 Imana ni iki? Imana ni Ibihe bidashira. Mu ntangiriro, kera cyane mbere y'uko habaho itangiriro, nta n'ubwo Yari Imana. Ese mwari mubizi? *Imana* ni "ikintu cyo gusengwa," kandi nta kintu na kimwe cyo kuyisenga cyari gihari. Yabaga yonyine.

153 Kandi muri Yo harimo imico. Ni iki cyayirangagaga? Igitekerezo. Noneho muraza kubona ikintu kiza kuba gihuye n'isomo ryo muri iri joro. Mumenye ko yari imico Yayo yari muri We. Noneho, yari muri We ngo abe Data, yari muri We ngo abe Imana, Yari muri We ngo abe Umwana, Byari muri We kugira ngo abe Umukiza, byari muri We kugira ngo abe Ukiza indwara. Kandi ibi bintu byose hano bigaragaza imico Ye gusa. Nta kintu na kimwe kidakora neza. mutekereza ko Imana itabonye iherezo kuva mu ntangiriro? Nta gushidikanya ko yaribonye. Nta kintu kidakora neza, ni ukugaragaza imico Yayo gusa.

154 Noneho, ntishoboraga kubaho *gusa* hanyuma ngo Itume umuntu agwa. Yagombaga kumushyira ku rwego rumwe, rw'uburenganzira bwo kwihitiramo, kugira ngo yihitiremo, ariko izi neza ko azagwa.

155 Noneho, ntashobora kuba Umukiza keretse hari ikintu cyazimiye. Ntabwo Ashobora kuba Ukiza indwara keretse hari ikintu kirwaye. Ibi bintu byagombaga kuba uko. Imana yabiremye gutyo kugira ngo imico Yayo ikomeye igaragare. Iyo hataza kubaho ibyo, ntabwo Yari kuba Umukiza. Ariko tuzi ko Yariho, ndetse mbere y'uko habaho igihe cy'itangiriro, Yari Umukiza. Yari Umukiza, bityo hagomba kubaho ikintu cyazimiye. Bizagenda bite?

156 Iyo Agifashe kicamucika, kugira ngo agikize gusa, ntabwo aba ari ubutabera ku rubanza Rwe. Ntiyashoboraga kohereza umuntu mu muriro utazima, ngo abe ari intungane. Ni umugwaneza, umwitonzi, umunyakuri, inyangamugayo, kandi ni Umucamanza ukomeye. Murabona, yaba arimo kwirwanya We ubwe.

157 Bityo Yagombaga gushyira umuntu hanze hano, Ikamugira umuntu ufite uburenganzira bwo kwihitiramo, kandi, izi neza ko, azagwa; kandi umuntu, mu ishusho Yayo Bwite, ni gute yashoboraga kugwa? Noneho murabona ko ari ku manywa y'ihangu? Rero, yagombaga gukora ikintu cyavuye mu cyaremwe cya mbere. Noneho murabibona. Murabona? Aho ni ho mugeze. Murabona? Hanyuma, ni cyo cyaguye. Yaragikoze,

izi ko kizagwa. Kandi cyashyizwe mu maboko ya Satani, nk'igikoresho gisuzuguritse. Ni hehe hahabwa icyubahiro uyu munsi? Mubitekerezeho. mwitegereze neza noneho.

158 Hanyuma nanone, impamvu yagenwe muri ubu buryo kandi butari nk'ubw'ibindi by'ibitsina gore, ni ukubera iki umugore yagenwe gutyo aho kuba nk'ibindi by'ibitsina gore? Nta na kimwe mu bindi by'ibitsina gore cyagenwe gutyo. Ntacyo, muri iki gihe. Ntibashobora. Ntabwo yaremwe muri ubwo buryo, si ko ameze. Kuki Itaremye iki gitsina gore, umugore, nk'ibindi by'ibitsina bagore, rero iyo aza kuba ameze nka byo, ese yari gushobora kurera abana be? Ubwo yagombaga kugira umugabo we, akabaho; kandi igihe cyo kubyara cye cyagera, akabyara umwana we. Kubera iki—kuki Yamugize gutya?

159 Sinshobora kuvuga aya magambo. Kandi murumva icyo ndimo kuvugaho, si byo se? Niba mushobora kumva, muvuge muti: "amina." [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Yego. Murareba? Hano hari abakobwa bakiri bato bicaye hano, n'abahungu bato, murareba. Ariko murabizi, inyamaswa igomba kugera mu gihe runaka cy'umwaka, hanyuma ikarinda igahura na mugenzi wayo, ni ibyo gusa. Ariko, umugore, ni igihe icyo ari cyo cyose. None se kuki Yamugize gutya?

160 Noneho mwitegereze gahunda Yayo yagaragaye, uko tugenda tuyinyuramo ubu, iratunganye uko bishoboka kose. Sinari mbizi kugeza ejobundi.

161 Kuki Itamuremye ityo mu ntangiriro, nk'ibindi by'ibitsinagore Byayo byose? Kuko byari kuba bitamukwiriye kuri Yo. Ni Yo soko y'ubuziranenge bwose. Ni yo mpamvu yagombaga kureka Satani akamwigarurira, ibyo yakoze mu buyobe. Ikiremwa nk'icyo cyari kuba, ntabwo Yo cyari kuyibera, cyaragenwe mbere.

162 Ibikorwa Byayo byose Yateganyije, mu ntangiriro, biri mu buryo buhoraho. Ibikorwa Byayo byose mu ntangiriro byari mu buryo buhoraho. Imbwakazi, imbwa y'ingabo; murabona, inka y'ishasi, ikimasa; byose biri mu buryo buhoraho. Kamere yose iri mu buryo buhoraho. Imbuto zirapfa, zijya mu butaka; kimwe n'urupfu, guhambwa, kuzuka. Ishami rimanuka ku giti, rigahungura amababi yaryo, mu mwaka ukurikiyeho rikagaruka n'umuzuko w'amababi mashya. Murabona icyo nshaka kuvuga? Byose, ndetse na kamere, iby'Imana, byose biri mu buryo bumwe, mu buryo bumwe; kandi dore kimwe cyakozwe mu buryo bunyuranye n'uko Imana ibikora. Kamere yaremwe ku buryo idashobora gucumura. Mutekereze! Icyaremwe cya mbere, cy'Imana, nticyashoboraga gucumura.

163 Yoo, ntimubibona ubu, muri iki gitekerezo hano, ubugoryi bw'itorero? Umwimerere ni Ijambo ry'Imana! Nta cyaha kiba mu Mana. Murabona icyo nshaka kuvuga? Dore ikiremwa

cyabayeho binyuze mu kugoreka. Imana igiye kugira Itorero, ariko nimurebe iki kintu kigoretse hano.

164 Imana ifite igitsina gore n'igitsina gabo. Ariko, uyu mugore, murebe, ibimenyetso byabyo byerekana ibyari mu bitekerezo by'Imana. Twafata isaha imwe, cyangwa ebyiri, tukabisesengura. Uwo mugore. . . Yaremye iki kiremwa muri ubwo buryo, Yaremye icyo kiremwa maze ikora ku buryo Satani akigarurira, kandi nyine yarakigaruriye. Aracyamufite. Byaba byiza ahungiye ku Musaraba, nk'umugabo.

165 Mumenye ko kamere yose ikora mu buryo buhoraho. Iyaba Yari yararemye umugore mu byaremwe bya mbere, nta cyaha na kimwe cyari kubaho, kubera ko ntiyashoboraga kubikora, ntiyashoboraga kubikora. Ni ukugoreka ibyaremwe by'umwimerere.

166 Ni byo icyaha cyose cy'umwimerere Ukuri! Ikinyoma ni iki? Ni Ukuri kugoretse. Ubusambanyi ni iki? Ni igikorwa cyiza kigoretse. Rero hari ikiremwa kigoretse, hari ikintu cyose kigoretse. Kandi ikintu cyose cyitiriwe i-c-y-a-h-a, kiri ahongaho. Ni yo mpamvu icyo kibazo ari cyiza cyane.

167 Igice gusa, igice cy'inyuma, cyakozwe n'umuntu, kugira ngo akimushukishe; Imana ni yo yabiremye, hano ni yo yabigaragaje. Icyo ni cyo yaremewe.

168 Umugore w'umusambanyi ni we kintu giciriritse cyane gishobora gutekerezwaho, ku isi. Mumbabarire, bakobwa bato. Nta kindi ari cyo uretse igikoresho cy'imyanda cy'abantu, udandaza igitsina. Icyo ni cyo ari cyo, umugore w'umusambanyi, ni nk'aho ari pubeli y'imyanda y'ubusambanyi bw'abantu, aho umwanda uteye isesemi, wanduye, ukabije, wo hasi cyane ni we uwubika. Yakorewe iki muri ubu buryo? Ku bw'ubushukanyi. Icyaha cyose cyigeze kubaho ku isi cyatewe n'umugore.

169 Kandi umusesenguzi ukomoka i Chicago, u-umugore yanditse iyi nkuru, abapolisi, abo birukanye, mu ntara zo muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, ko, "Mirongo icyenda n'umunani ku ijana bya buri cyaha cyigeze gukorwa mu buryo ubwo ari bwo bwose, muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika, harimo umugore cyangwa se abyihishe inyuma."

170 Noneho ndavuga ibi byose, kugira ngo ngere ku kintu kimwe hano ku iherezo, kugira ngo murebe ikibazo kirimo.

171 Yaremewe gushukana, nk'uko yabigenje kuri Adamu mu ntangiriro, amubwira ko imbuto ari nziza, n'ibindi, kumushuka no kumukura ku Ijambo ry'Imana. Uko ni ko itorero rikora muri iki gihe, ni ko bimeze.

Ariko nyuma y'ibyo, yahindutse umutware we, kugira ngo amutegeke.

172 Noneho ni ryo tandukaniro kuri uyu munsi, muri iki gihe cy'igitekerezo. Aho kugira ngo abe umutware we, uwo mugore

yabaye imana ye. Yego, aramutegeka. Noneho mushobora kuba musobanukiwe neza icyo nakomeje gucyaha. Ku bw'ubwiza bwe n'ubushobozi bwe bwo kugenzura imibonano mpuzabitsina, imiterere ye yahawe na Satani, umusaruro w'imirimo ya Satani, yoherejwe gushuka abana b'Imana. Kandi ashobora kuyobya benshi muri bo akabajyana ikuzimu kurusha ikindi gikoresho icyo ari cyo cyose Satani afite. Ni byo rwose.

173 Ubu ndimo kuvuga ku bantu b'abasambanyi, ntabwo ari mwebwe bashiki bacu. Turaza kuguha umwanya wawe, ahantu runaka, mu minota mike, mw'Ijambo ry'Imana hano. Yari gahunda y'Imana uhereye mu nta-mu ntangiriro.

174 Noneho gukora ibi uyu munsi, imana yo muri Amerika ni iyihe? Ese muribuka ko mu myaka yashize, nabwirije kuri ibyo mu rusengero? Imana y'iki gihe cya none, umukobwa muto w'indaya wicaye aho yisize amarange, n'ikanzu ye igera hejuru y'amavi, n'ibindi nk'ibyo. Ndavuga nti: "Gumana imana yawe!" Kandi ni byo koko, aba ari kuri buri tangazo, asa n'uwambaye ubusa. Ari mu muhanda, muri ubwo buryo.

175 Ni igikoresho cya Satani, "kuva mu ntangiriro," Ni ko Yesu yavuze. Murareba? Turabona ko ari byo biriho ubu, kandi "kuva mu ntangiriro," kandi ni byo Avugaho.

176 Noneho, abapagani bakundaga kumugira imana, (mwari mubizi?) ikigirwamana. Ni ukuri barabikoze. Bamugira ikigirwamana, kuko bakoraga imibonano mpuzabitsina mu gusenga kwabo. Bavuze ko "Yari umuremyi. Yari afite imbuto mu nda ye maze ararema." Icyo ni ikinyoma. Hariho Umuremyi umwe gusa, uwo ni Imana. Ariko muribuka Pawulo hariya? "Diyane, wo muri Efeso," mu ishusho y'amabuye, yaravuze ati: "ikigirwamana mana cyo mw'Ijuru, cyajugunywe hasi." Ntimubona uburyo ugusenga kw'abapagani kumeze?

177 Kandi twebwe, tutabizi, dusubira neza mu gusenga kw'abapagani, ku bagore, ikiremwa giciriritse cyane ku isi, gusenga umugore! Azagaragura umugabo uko ashaka kose. Kandi ntazi ko, ubwo bwiza bwose buri inyuma, ko ikuzimu harimo imbere. Salomo yaravuze ati: "Amarembo ye ni yo marembo agana ikuzimu."

178 Noneho turabona neza ibyo Yesu yavuze mu Byahishuwe, igice cya 2 umurongo wa 15, by'inyigisho z'Abanikorayiti, ukuza kw'iryo torero ryikura ubwaryo mu Ijambo.

179 Nanone dushobora kubona hano, mu buryo bweruye, izi gahunda z'ubugizi bwa nabi, zitubaha Imana, kandi zirimo umwanda uteye isesemi dufite kuri televiziyo, y'abahanga mu by'imibonano mpuzabitsina bo muri Hollywood. Dushobora kubona umwanda w'uyu mujyi, nk'aba bana, abakobwa bato bagenda mu muhanda hano, bafite imyenda migufi, ibahambiriye, kandi irangaye bihagije ku buryo byashoboraga kubaviramo gukonja kugeza bapfuye. Ntabwo bazi ko ibyo

ari idayimoni ibikora. Bafite umwuka mubi, ariko ntibabizi! Ntabwo wabona imbwakazi ikora ibyo, si byo se? Nta kindi kintu cy'igitsina gore wabona gikora ibyo, kandi nta kintu cy'igitsina gabo kimugera iruhande.

180 Murabona, ubu murabona ishusho? Turaza kwinjizamo ikintu mu kanya gato, Uwiteka nabishaka.

Noneho murabona Abanikolayiti, murabona inyigisho zabo.

181 Murabona abamikazi b'inkumi, nk'uko babita, aba bakobwa bikuramo imyenda mu muhanda. Najyaga njya mu gitaramo cy'urukozasoni ku ruhande, kugira ngo ndebe ababyinnyi biyambura imyenda. Mufungure amaso yanyu, murebe mu muhanda, ni byo byonyine mugomba gukora ubu. Bose usanga babyina biyambura imyenda. Yego rwose. Babikora kubera iki? Kugira ngo bagukurure, bakugerageze, ni cyo kintu cyonyine umugore ashobora kubikorera. Abikora kuko ari umwanda. Abikora kuko yaremwe atyo. Ntabwo azi ko ari igikoresho kiri mu maboko ya Satani, nyamara ni ko ari.

182 Ndetse no mu mashuri yacu muri iki gihe, barimo kwigisha ibikorwa by'imibonano mpuzabitsina. Isi yacu yarangiritse ni iyo gusenga abagore! Nzi ko badashaka kubyemera. Hagarara uririmbe ubwoko bw'indirimbo, n'ibindi, ku munsi umwe; hanyuma usohokane n'abagore, birukanka hirya no hino, ijoro ryose. Murareba? Ni byo. Iyo, imbere y'Imana, Ijambo, ni we uciriritse mu nyamaswa zose Imana yashyize ku isi. Murareba.

183 Ni yo mpamvu Imana yamubujije kwigisha Ijambo Ryayo. Ni byo. Timoteyo wa mbere 2: 9-15, "Sinemera ko umugore yigisha, cyangwa ngo agire ubutware ubwo ari bwo bwose." Murareba? Kandi no mu Abakorinto ba mbere 14: 34, "Mureke abagore banyu bacecekere mu matorero, kuko batemererwa kuvuga, kuko bategetswe guceceka; nk'uko n'amategeko abivuga." Ariko se, uyu munsi, itorero rikora iki? Babagira abapasiteri, abavugabutumwa, mu gihe Bibiliya ibibuza burundu. Kandi Bibiliya iravuga iti: "nk'uko Amategeko nayo abivuga," kubireka bigakomeza, ibintu byose.

184 Nk'uko Umwana w'Intama yari, mu ijoro ryakeye, ahantu honyine ho gusengera, munsi y'Amaraso yamenetse y'Umwana w'Intama. Ni ho hantu honyine uyu munsi, muri Kristo. Uburyo bwonyine bwo kubikora ni ukwinjira muri We. Aho ni ho hantu honyine ho gusengera. Uko ni ko byahoze. Ahantu honyine ho gusengera ni munsi y'Amaraso yamenetse.

185 Noneho rero tubona ishusho yose y'ibyo itugeraho. Nguwo uwo mugore. Ni yo mpamvu Imana itamwemerera kwigisha, itamwemerera gukora ikintu icyo ari cyo cyose mu rusengero uretse kwicara atuje atwikiriye mu maso.

186 Noneho mushobora kubona impamvu navuze ibi ibintu kandi nakoze ibintu nk'ibyo nakoze, ese nzi ibi byose mu mutima wanjye, bene Data, namwe bashiki banjye? Ndabizi, bashiki

bacu, ndi...mufite umwanya wanyu (mu kanya gato), n'imico myiza Imana ishobora kubumba muri mwe. Ariko ndagerageza gusa kuvuga ku rundi ruhande, kugira ngo mbereke icyo muri cyo uhereye, "mu ntangiriro." Yesu yaratubwiye ngo: "dusubire mu ntangiriro," kugira ngo tubimenye. Ni byo turimo gukora.

187 Noneho nagombaga kugera ku ngingo zikomeye kuri byinshi muri ibi, kandi ndizera ko mubyumva. Kandi mwebwe abantu muzumva iyi kaseti, nizeye ko musobanukiwe. Musubire inyuma gusa. Ni ukugira ngo berekane gusa ko Yesu yavuze ati: "Subira inyuma, uhereye mu ntangiriro, urabihasanga." Ibintu byose, usubiye mu ntangiriro. Ushobora kubibona, uyu munsi.

188 Kubera iki, abantu, bavuga ko ndi umwanzi w'abagore. Ibyo ni kure cyane y'Ukuri. Ntabwo nshobora kubanga. Banyita "Uwanga abagore." Mwibuke ko bise Pawulo uwanga abagore. Umukozi w'Imana w'umugore, mu gihe gito gishize, yaravuze ati: "Yoo, uri nka Pawulo ushaje, icyo we yakoze ni ukudutoteza twebwe abagore."

189 Umukiranutsi w'Imana, wemerewe kwandika Bibiliya, Isezerano Rishya, no guhirimbarina Amagambo yayo? Yaravuze ati: "N'ubwo yaba Malayika uvuye mu Ijuru yigisha ikindi kintu kirenze Ibi navuze, avumwe," tutibagiwe n'umuvugabutumwa w'umugore.

190 Bavuze ko Eliya yari umwanzi w'abagore. Ntabwo yari umwanzi w'abagore, w'abagore b'ukuri. Ntabwo yakundaga abameze nka Yezebeli.

191 Niba kandi ari byo, noneho bigomba kuba ari Imana iza mu buryo bumwe, kuko Ari Ijambo riza ku bahanuzi. Rero bigomba kuba ari Imana, mu buryo bumwe, rero, murabona, izi ibyaremwe bya mbere, "uhereye mu ntangiriro," Yaravuze iti: "kuva mu ntangiriro." Ni abahanuzi Ijambo ryaziye.

192 Kandi yaremye umugore kubera umugabo, ntabwo ari umugabo waremwe kubera umugore. Ese mwari muzi ko, "Umugore yaremewe umugabo, ntabwo ari umugabo waremewe umugore"? Ni bangahe babizi? Bibiliya irabyigisha. Ni byo. Yahawe umwanya mu mugabo, mbere yo kugwa, ungana n'ibiremwa byose. Ariko "nyuma" yo kugwa, ubu noneho tugiye kuzana iyi ngingo. Ariko "nyuma" yo kugwa, yari we mutware we, agomba guceceka muri byose, noneho ni nyuma y'uko intangiriro ya mbere irangiye.

193 Yesu yaravuze ati: "Ntabwo ari uko byari bimeze uhereye mu ntangiriro." Ni bwo igihe cyatangiye, ubwo Imana yakiremaga bwa mbere mu irema Ryayo rya mbere. Abumva mwese, mwongere muvuge muti: "amina." [Iteraniro riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Mu ntangiriro Imana yaremye igitsina gabo kimwe gusa n'igitsina gore kimwe gusa. Ariko uwo mugore yagizwe utandukanye n'inyamaswa, izindi nyamaswa zose, kugira ngo ashukane. Noneho murebe noneho, "Kuva mu

ntangiriro ntabwo ari ko byari bimeze." Yarakozwe, iyo aza kuguma mu buryo bwe bwa mbere, ntiyari kugwa na gato. Ariko ni we wateje kugwa no guhagarara kwashenye uburyo bwose bw'Imana, maze ateza urupfu, agahinda, n'ibindi byose ku isi. Yakozwe atyo.

194 Noneho nimurebe. Noneho, *nyuma* y'intangiriro, *nyuma* y'intangiriro, *nyuma* y'uko igihe gitangiye; mbere yaho, byari Ubuziraherezo, birarangira. Mumenye ko nyuma y'uko kugwa kwakozwe na Eva, nyuma y'uko kugwa, byari bikenewe ko hakorwa irindi sezerano. Noneho ibi biraza kubasitaza, ariko ngiye kubaha Ibyanditswe Byera bihamya ko ibi ari Ukuri. Noneho murebe nyuma yo kugwa, Yesu yaravuze ati . . . Imana, mu ntangiriro, yaremye ubwoko bumwe; ariko ubu, nyuma yo kugwa, ubu turimo kubirengaho. Isezerano ryaranganaga; ariko ubu, nyuma yo kugwa, hari irindi sezerano ryakozwe. Noneho ntiyari agitwarana na we, buri wese yagombaga kugira isezerano rye bwite.

195 Noneho reka turebe niba ari byo. Reka dufate Itangiriro 3, maze tumenye niba ari byo, uko dukomeza, 'kuko dushaka kwemeza ibi bintu, byigishwa kandi bigashyirwa ahagaragara neza neza nk'ukuri. Rero wenda hano dufite umwanya muto, 'kuko ubu tutari kure cyane y'umusozo, kugira ngo tugere ku gice cya nyuma cy'iyi ngingo, kugira ngo tugaragaze *imvo* n'*imvano* ku bijyanye no gutandukana kw'abashakanye, n'ibindi. Noneho mu Gitabo cy'Itangiriro igice cya 3, kandi noneho tugiye kugitangirana n'igice cya 3, umurongo wa 16. Reka duhere ku murongo wa 14.

> *Uwiteka Imana . . . ibwira iyo inzoka iti* (ubu Igiye kuyivuma), *kuko ukoze ibyo, uri ikivume kirengeje amatungo yose . . . n'inyamaswa zo mu ishyamba zose; kandi kubw'ibyo uzajya ugenda ukurura inda, uzajya urya umukungugu iminsi yose y'ubuzima bwawe:*
>
> *Kandi nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe; ruzagukomeretsa umutwe nawe uzarukomeretsa agatsinsino.* (Isezerano, "rizaza rinyuze ku mugore," Mesiya, kugira ngo acungure.)
>
> *Abwira umugore ati, . . .*

196 Noneho murebe, ubu hariho isezerano ry'inzoka. Ibyo, byose byari byiza mbere ya byose, mu ntangiriro, cyangwa mbere y'itangiriro.

> *Abwira umugore ati: "kugwiza nzagwiza cyane* imibabaro *yawe utwite; uzajya ubyara abana ubabara; kwifuza kwawe kuzaherera ku mugabo wawe, nawe azagutwara,"* (Ntabwo bazongera kureshya na gato.)

197 Ubungubu yarahindukiye none ni we mutware.

> *Nuko ibwira Adamu iti: "Kubera ko wumviye ijwi ry'umugore wawe, kandi wariye kuri cya giti nakubujije, mvuga ngo, ntuzongere kuryaho . . . Ubutaka buvumwe* (ntabwo ari Adamu wavumwe, ubu) *ubutaka buvumwe ku bwawe; iminsi yose yo* kubaho *kwawe uzajya urya ibibuvamo wiyushye icyuya;*
>
> *buzajya . . . bukumerereramo imikeri n'ibitovu; nawe uzajya urya imboga zo mu murima;*
>
> *Kandi gututubikana ko mu maso hawe niko kuzaguhesha umutsima. urinde ugeza ubwo* uzasubira *mu butaka; kuko ari ho wa—wakuwe uri umukungugu mu mukugugu ni mo uzasubira."*

198 Amasezerano abiri. Noneho ibyo bisoza "intangiriro," y'ibyo Yesu yavuze, "Ntabwo byari bimeze bityo mu ntangiriro." Dufite irindi sezerano ubu. Mumenye ko ari irindi sezerano. Noneho hariho isezerano ry'umusaruro nyirizina, n'umusaruro ukomoka kuri wo. Mumenye ko kugwa kwazanye ingorane, urupfu, kuri buri kiremwa cyose mu biremwa, biigaragaza itandukaniro muri kamere yose. Noneho reka turebe ibyo Yesu yavuze, "kuva mu ntangiriro ntabwo ari ko byari bimeze." Ubu ntabwo ari ko bimeze "kuva," ubu ni ko bimeze "nyuma" y'intangiriro. Noneho hariho isezerano ry'abantu babiri.

199 Mbere na mbere byari isezerano gusa, Adamu na Eva ntawarutaga undi, umugabo umwe n'umugore umwe. Noneho umugore yaracumuye, kandi (akora iki?) ibyo byatumye bose boherezwa ku rupfu, kandi Imana yagombaga kugirana isezerano rinyuze muri iryo, irindi sezerano. Dore biri hano mu Itangiriro 3:16, Yakoze irindi sezerano.

200 Ubu isi igomba kongera guturwamo, ntabwo ari uko Imana yari yabiremwe mbere, nk'uko byari bimeze mu ntangiriro, ntabwo ari ukubera iremwa ry'umwimerere, ahubwo ni ukubera irari ry'imibonano mpuzabitsina. None ibyo byitaye ku "ntangiriro," si byo se? Mbere na mbere hariho umugabo umwe n'umugore umwe, igitsina gabo kimwe, n'igitsina gore kimwe; ariko igihe uwo mugore yarengaga uwo murongo akazana iki cyaha, ubu isi igiye kongera guturwamo, binyuze mu gitsina, atari mu kuremwa; binyuze mu gitsina. Murebe aho umugore ari ubu? Noneho, ariko ni bwo buryo isi ituwe uyu munsi, binyuze mu bagore.

201 Ni yo mpamvu Yesu yagombaga kuza anyuze mu mugore, kugira ngo yongere ayigarure ku ntangiriro yayo ya mbere, nta byifuzo by'imibonano mpuzabitsina. Yavutse ku isugi. Ariko, haleluya, hazabaho igihe aho hatazongera kubaho imibonano mpuzabitsina, ariko Imana izahamagarira abana Bayo kuva mu mukungugu w'isi, nk'uko bari bameze mu ntangiriro, bitanyuze ku mugore uwo ari we wese; ariko binyuze mu kubumba ibumba n'amatara yo mu isanzure, na peteroli, Izongera kurema nk'uko

yabikoze kuri Adamu bwa mbere. Yesu yatumye ibi bishoboka, binyuze ku Mana yihinduye Umuntu Yo ubwayo maze ikaza ku isi kugira ngo Ibashe gupfa, binyuze muri uyu mugore. Ubu ni igihe cyo kugeragezwa, binyuze mu cyaha.

202 Noneho murabona ko, "nyuma" y'itangiriro, byari ikindi kintu cyinjijwemo. Ibi bigiye kubatangaza. Murananiwe? [Itorero riravuga riti, "Oya."—Ubwanditsi.] Mukomeze mwicare akanya gato.

203 Hanyuma igihe isezerano ry'abagabo n'abagore ryakozwe na bo, binyuze mu mibonano mpuzabitsina, irindi sezerano rikubiye hamwe (atari isezerano rya mbere, ahubwo ni irindi sezerano), none se ubu ni iki cyashyizwemo? Ubuharike, muri rusange. Hanyuma, nyuma y'intangiriro, ubuharike bwinjijwe mu bantu no mu nyamaswa; nyuma y'intangiriro, ukugwa. Imana ubu, icya kabiri, yongera gushyiraho kamere nshya, binyuze mu mibonano mpuzabitsina. Imana yaremye icya mbere nta mibonano mpuzabitsina ibayeho. Ibyo murabyizera? Noneho ni irindi sezerano na kamere, Irishyiraho mu bundi buryo, binyuze mu gitsina. Isezerano rya kabiri: igitsina gabo kimwe, ibitshina gore byinshi; impala y'ingabo imwe, n'ishyo ryose ry'impala z'ingore. Si byo se? Ikimasa kimwe, ishyo ryose ry'inka z'amashashi, inka; isake imwe, n'inkokokazi zitabarika. Si byo se? Dawidi umwe, wishimirwa n'umutima We Bwite, yari afite abagore magana atanu; afite abana ijana yabyaye, mu mwaka umwe, b'abagore batandukanye, um-hum, umugabo wishimirwa n'umutima w'Imana Bwite. Salomo umwe, yari afite abagore igihumbi. Ariko murebe noneho, ntabwo byari bimeze bityo mu ntangiriro, ariko ubu ni "nyuma" y'intangiriro. Umugore yakoze ibi, noneho ahinduka gusa uwo ari we ubu. Murareba?

204 Dawidi, umwami washushanyaga Kristo! Mukomeze ibyo mu bitekerezo byanyu. Dawidi yashushanyaga Kristo. Murabyemera? Kristo yicaye...agiye kwicara ku ntebe ye y'ubwami. Kandi uyu Dawidi, umugabo Imana yishimira, yari afite abagore magana atanu. Murabona icyo nshaka kuvuga? Dawidi n'abagore be magana atanu, Salomo n'abe igihumbi. Kandi Salomo ni umwana wa Dawidi, mu bisanzwe; ugaragaza Yesu Kristo, Umwana wa Dawidi, mu mwuka. Ariko ibyo ni ibisanzwe, ubuzima bw'imibonano mpuzabitsina. Ibi bizaba iby'umwuka, byaremwe, kuki, byaremwe. Murareba? Ni ko byari bimeze mbere, ariko ubu ntabwo ari muri ubu buzima turimo.

205 Icyitonderwa, ntimugacike intege ubu, byose mubishyire mu mitima yanyu. Ariko ntabwo ari umwe muri abo bagore bari bafite umugabo umwe. Ni ikiremwa cya mbere, ntabwo ari we. Nta n'umwe muri abo bagore washoboraga kugira mugabo urenze umwe, ariko uwo mugabo umwe yashoboraga kugira abagore igihumbi. Ibyo ni UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Ni Bibiliya. Noneho nasubiye inyuma, nafashe umwanya wanjye

mbereka aho byatangiriye, icyo Yesu yavuze. Ubu se murabibona neza? Bashoboraga kugira benshi . . .

206 "Yoo," muravuga muti: "ibyo byari Isiraheli gusa." Ni byo?

207 Ubwo Aburahamu yajyanaga Sara mu gihugu cy'Abafilisitiya, hari umwami witwaga Abimeleki. Kandi Sara yari afite imyaka ijana, yari asanzwe afite imyaka ijana, ariko yari yarahinduwe asubira kuba umukobwa kandi yaragizwe mwiza. Mwari mubizi? [Itorero rivuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Ni byo. Nuko Abimeleki ashaka kumugira umugore. Muribuka ubutumwa bwanjye kuri ibyo? Abimeleki yashakaga gufata Sara nk'umugore. Birashoboka ko yari afite inshoreke, ariko ntiyashoboraga kumutwara niba yari yarashakanye na Aburahamu. Aburahamu rero abwira Sara ati: "Uvuge ko turi 'abavandimwe,' kuko ashobora kunyica kugira ngo akujyane." Kuki atahise yirukana Aburahamu mu gihugu, maze ngo afate umugore we yikomereze? Ntabwo byari itegeko ku bizera gusa, ahubwo byari itegeko ku bantu bose bo mu byaremwe. Umunyabyaha cyangwa uwejejwe, birakureba, umugabo, kuri ibi bikorwa. Habayeho umwami w'umupagani. Ni bangahe bazi ko iyo nkuru ari ukuri? ["Amina."] Ni Bibiliya, Itangiriro, nk'igice cya 16, ngira ngo.

208 Mwitegereze, Abimeleki yari kumurongora. Yiyemeje we ubwe gutunga uyu mukobwa mushya w'Umuheburayokazi. Maze aravuga ati: "Uyu ni uwanjye . . . " Aravuga ati: "Uwo ni musaza wanjye."

Aravuga ati: "Uwo ni mushiki wanjye."

209 Abimeleki aravuga ati: "Nzamugira umugore." Ese mwakwiyumvisha umugabo ukora ibintu nk'ibyo? Ariko yarabikoze.

210 Hanyuma muri iryo joro, ubwo yari agiye kuryama, Uwiteka amubonekera mu nzozi, maze aravuga ati: "Abimeleki, umeze nk'uwapfuye." Yari arinze uwo, uwo mugezi w'amaraso y'Abayahudi ahongaho, murabona. Aravuga ati: "Umeze nk'uwapfuye. Uwo mugore ugiye gushaka ni uw'undi mugabo."

211 Aravuga ati: "Mwami, uzi ubunyangamugayo buri kuri mu mutima wanjye." Aravuga ati: "Ntabwo yambwiye ko ari 'musaza we'? Si we ubwe wavuze ati: 'Uyu ni mushiki wanjye'?"

212 Aravuga ati: "Nzi ubunyangamugayo bw'umutima wawe, ni yo mpamvu ntakwemerera kuncumuraho." Ni byo koko? Aravuga ati: "Musubize umugore we, kuko uriya mugabo ari umuhanuzi Wanjye. Kandi keretse umusubije umugore we . . . Kandi ureke agusengere, atari atari padiri wawe. Natagusengera, igihugu cyawe cyose kiraba kirangiye." Amina. Hariho ubuntu butangaje. Ni byo. "Igihugu cyawe cyose kirarangiye. Uwo ni umugore w'umugabo, kandi ni umuhanuzi wanjye." Amina. Ibyo ni UKU NI KO UWITEKA AVUZE. Ni Ibyanditswe. Ni byo.

213 Noneho tumenye, icyateje urupfu. Urupfu ni rwo rwateye icyaha cy'umugore, cyaturutse ku mugore ntabwo ari ku mugabo. Mu nzira ye y'ubuzima bwe, kandi binyuze muri we, imfu zose ziraza. Inzira ye yo gutanga ubuzima, ni urupfu. Ni bangahe babizi? Yobu 14, niba mushaka kwandika ibi Byanditswe.

214 Nabonye, niba ushidikanya kuri ibi, mfite Ibyanditswe nanditse kuri buri gice cy'ibi.

215 Niba mushaka gusoma Yobu 14 hariya, haravuga ngo, "Umugabo wabyawe n'umugore mu minsi mike, yuzuye ibibazo." Ni byo? "Amera nk'indabyo, aracibwa, akajugumywa mu myanda," n'ibindi. Murabona? Umuntu wese wabyawe n'umugore, avukira mu rupfu akimara kuzuka.

216 Ariko iyo avutse mu biremwa by'Imana, ntashobora gupfa; Akomoka kuri icyo giti cyari mu busitani bwa Edeni, ari cyo Kristo. Ubugingo buhoraho buturuka kuri icyo giti.

217 "Yoo," muravuga muti: "cyari igiti?" Ni byo. "Ubwo rero, baravuze bati: 'Ntuzarye kuri iki giti.' Imana yaravuze, mu Itangiriro inyuma aho, iti 'Ntuzarye kuri iki giti.'"

218 Ni byiza, umugore ni igiti. Ni imbuto. Uri imbuto ya nyoko. Imbuto y'inda ni wowe. Ni byo. Hanyuma imbuto y'Igiti cy'Ubugingo, cyari mu busitani bwa Edeni, ni Kristo. Urupfu rwaje binyuze mu mugore; mu Mugabo, mu cyaremwe cya mbere, havuyemo Ubuzima. Kuvuka k'umugore ni urupfu; kuvuka kwa Kristo ni Ubuzima. Murabyumva? Ni aho. Noneho murabona aho ibigirwamana byagiye, si byo se?

219 Adamu na Eva ba mbere bari ikigereranyo cya Adamu na Eva ba kabiri, murabona, kororoka. Noneho kororoka kwa Adamu na Eva kwari ukunyura mu mibonano mpuzabitsina, kugira ngo buzuze isi, ariko mu ntangiriro si ko byari bimeze. Imana yaremye umugabo n'umugore, nk'uko yabikoreye ibindi biremwa byayo, murabona, byemewe n'amategeko, nk'uko Itorero ribikora.

220 Noneho reka, dukurikije uku kuri kw'Imana kwemejwe, Mushakishe buhoro, niba mubishaka. [Itorero riravuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Nta kibazo. Ibi bishobora kubabaza gato kugeza igihe tugeze hasi ku ndba yabyo, ariko ngiye kubereka Ukuri kwabyo.

221 Nta mupasiteri ushobora kurongora umupfakazi. Mwari mubizi? Murashaka kubisoma? Mwebwe murabibona mu gitabo cy'Abalewi, Abalewi 21:7 no muri Ezekiyeli 44:22, kandi Bizabereka ko ububwirizabutumwa butagombaga gushaka umugore wakozweho n'undi umugabo. Ubwo bwoko ni ubw'Umugeni w'isugi wa Yesu Kristo, kuko bafashe Umuriro w'Imana, abatambyi ni bo bawufashe, abahungu ba Aroni. Nta mwanya dufite wo kubisoma byose, kandi turaza gusohoka saa sita, dusigaranye iminota makumyabiri. Kandi abo ni

abahungu ba Aroni bafashe u—u—ttumuriro w'Imana, bityo ntibashoboraga gushaka umugore wari warakozweho n'undi mugabo. Imana idahinduka ni yo yavuze ibyo. Ntibashoboraga kurongora undi mugore, kandi umugore wakozweho n'undi mugabo, turimo kwerekana urugero hano, niba mushaka kubibona, ko Itorero ry'Imana nzima rigomba kuba ku murongo, ritavangiye, Ijambo ry'Imana, kandi si idini ryakoreshejwe n'abantu.

222 Mwitegereze, mureke tubisome hano. Ndashaka kubagezaho ibi. Matayo 5, hano Yesu yavuze ibintu by'ingirakamaro nyakuri. Turashaka kubireba, Matayo 5. Nanditse ku. . .

223 Nashyize akamenyetso ku bintu bimwe na bimwe nari ngiye kubwira umugabo gusa, rero nagize umwanya muto cyane mbivugira imbere gato ya bashiki bacu. Ariko ndashaka ku—kujya hano ubu imbere. . .

224 Noneho, mushiki wanjye, ndashaka kugushyira mu mwanya wawe aho Ijambo ry'Imana ryagusezeranije kuba, kandi nawe, urabona noneho ko uwo mwanya ari wo ugomba kugumamo.

225 Matayo 5: 32. Ndashaka ko mubibona hano, muri iki gitekerezo kimwe cya "umwe" kuri "benshi." Matayo, mirongo itatu -. . .Ndatekereza ko ari Matayo 5: 32, 31 mu gutangira.

> *Kandi byaravuzwe ngo: Uzasenda umugore we, amuhe urwandiko rwo kumusenda:*

226 Uwo ni Yesu uvuga, Umwe aravuga ati: "kuva mu ntangiriro." Noneho murebe.

> *Ariko njyewe ndababwira yuko umuntu wese usenda umugore we avuga. . .atamuhora gusambana,* aba amuteye *gusambana;. . .*(murareba) *umuntu wese uzasenda umugore we, uretse. . .icyaha cy'ubusambanyi, aba* amuteye *gusambana:* (Kuki? Azongera gushaka undi.) *kandi uzashyingiranwa na we kandi yaratandukanye n'uwo bashakanye azaba asambanye.*

227 Murabona, afite umugabo uriho, bityo nta mugabo ushobora kumurongora. Utitaye ku cyo akora n'uwo ari we, afite umugabo ukiriho, nta mpamvu na mba ihari kuri we. Ariko, si byo, ku mugabo. "ahubwo umugore," ntabwo ari umugabo. Murabyumva? Mugomba gutuma Ijambo rikomeza kugenda neza. Murabona, nta kintu na kimwe kivuga ko umugabo adashobora, ariko umugore ntashobora. Murabona, "Kubera umugore," ntabwo ari umugabo. Ibyo ni byo Bibiliya ivuga, "kubera umugore." Ntabwo bivugwa ko abujijwe kongera kurongora, ahubwo bivuga ko ari "uwo mugore." Kuki? ni urugero rwa Kristo.

228 Menya neza ko bivugwa ko adashobora kongera kurongora, keretse gusa ari ari umukobwa w'isugi. Ashobora kongera

kurongora. Ashobora ku-. . .ashobora kongera kurongora niba ari umukobwa ari isugi, ariko ntashobora kurongora umugore w'undi mugabo. Oya rwose. Kandi niba ashatse umugore watandukanye n'undi mugabo, aba ari mu busambanyi, ntitaye ku uwo ari we. Bibiliya iravuga iti: "Umuntu wese urongora umugore wasenzwe aba ari mu busambanyi." Ni aho rero, nta batandukanye.

229 Murabona ibyo bya mbere inyuma ahongaho, "kuva mu ntangiriro," ubu? Arimo kongera gushaka, noneho mumenye ko umugabo ashobora, ariko umugore we ntashobora. Kimwe na Dawidi, kimwe na Salomo, kimwe n'uko Bibiliya yose ikomeza, ubu, kimwe na Dawidi n'abandi bose.

230 Noneho murabona mu Bakorinto ba Mbere 7:10, murebe, Pawulo ategeka umugore ngo, we, natandukana n'umugabo we, agume ari ingaragu cyangwa yiyunge, ntabwo ari ukongera kurongorwa. Agomba kuguma ari ingaragu, cyangwa ngo akiyunga n'umugabo we. Ntashobora kongera kurongorwa. Agomba kuguma ari ingaragu, ariko, mumenye ko, atigeze avuga ku mugabo. Murabona, ntimushobora gutuma Ijambo ribeshya. "Kuva mu ntangiriro," itegeko ry'imibonano mpuzabitsina rishingiye ku gushaka abagore benshi. Ubu, Ijambo ry'Imana rigendera ku miterere y'Imana, rigana ku gukomeza.

231 Murebe ukuntu hari ishuri rimwe ryagiye iburasirazuba, irindi rikajya iburengerazuba, kuri iyo ngingo? Mugomba kugaruka ku Kuri, kugira ngo mubone icyo ari cyo.

232 Uko ni ko byahoze, iryo ni ryo sezerano risanzwe n'Imana uhereye ku ntangiriro. *Ubwa mbere,* mbere y'intangiriro, no guhera mu ntangiriro hari hari umwe kuri umwe gusa. *Nyuma* icyaha kimaze kwinjira, habayeho umugabo umwe n'itsinda ry'abagore; biruka muri ubwo buryo muri kamere, inyamaswa zose, n'abantu ndetse n'umubiri karemano ni inyamaswa. Turi inyamabere, turabizi, twese, murabona, kandi byose ni kamere y'Imana mu buryo buhoraho.

233 Ariko ubu ibimenyetso bifunguwe, Umwuka w'Ukuri atuyobora ku Ijambo ry'Imana. Ibyo bisobanura impamvu amakosa yose yagiye akorwa mu bihe bitandukanye, kuko Ibimenyetso byari bitarafungurwa, Ibi byari bitarahishurwa. Ni ukuri.

234 Mumenye neza ko, mwebe, mudashobora gutuma igicucu kinanirwa. Nk'uko nabibabwiye nijoro ku bijyanye n'igicucu kiri hejuru y'ubutaka, kigomba kukugaragaza neza. Ni gute hashobora kubaho igicucu cy'inzovu kiri hejuru y'ubutaka, maze umuntu muto cyane, akigira nk'inzovu, cyangwa inzovu ikigira umuntu muto cyane?

235 Noneho mumbwire niba muri bubibone mu buryo butunganye.

236 Noneho, hari umugore w'ukuri, umugore w'ukuri, isugi, ushyingirwa n'umugabo we, akabaho, kandi akabera umugisha uwo mugabo. Niba hari ikintu cyiza Imana yashoboye guha umwana Wayo kiruta umugore, yari kukimuha.

237 Ariko yagenewe kuba ukorerwa imibonano mpuzabitsina, kandi nta kindi gikoko cyagenwe gutyo. Nta kindi kiremwa ku isi cyagenwe gutyo. Ni yo mpamvu ubona ubuharike, ni ukubera iyo mpamvu. Ni yo mpamvu yabizanye.

238 Noneho murebe, mu isesengura rya nyuma, murebe, hari Yesu Kristo umwe (ni byo se?), Umugabo umwe, Imana, Imanuweli. Ibyo murabyizera? Ariko abayoboke b'Umugore We ni benshi, murareba, inshuro ibihumbi n'ibihumbi (ni byo?), Umugore We, Umugeni, Itorero. Murabyumva noneho?

239 Ni yo mpamvu yabwiye Adamu, mbere y'uko imibonano mpuzabitsina itangira cyangwa ngo ishyirweho, ati: "Mwororoke, mwuzure isi," ubwo yari akiri mu ntangiriro, ubwo yari akiri umugabo n'umugore muri we. Ahongaho, bigaragaza ko Umugeni agomba guturuka mu Ijambo, yororoka mu buryo bw'umwuka, ukororoka, murabona, kongera kuzura isi.

240 Noneho mu mibonano mpuzabitsina, murabona, amashuri yavanze ibyo bintu bibiri. Kubw'ibyo, ntimushobora kubikora, mugomba gushyigikira Ukuri kwabyo, "mu ntangiriro."

241 Kandi ku iherezo hazabaho Umwami Yesu umwe, n'Umugeni We ugizwe na benshi, umwe rukumbi. Murabyumva? Hariho Dawidi ku ntebe imwe, umwami umwe (nyuma y'umutima Umwe w'Imana) hamwe n'abagore magana atanu. Yesu yicaye ku Ntebe Ye (Haleluya!) mu Myaka igihumbi, hamwe n'Umugore; nk'uko byari bimeze mbere, byaremwe mw'isi, mu biganza by'Imana Ishobora byose, mu muzuko, w'abayoboke benshi. Aho ni ho muri.

242 Bagore, nimuharanire kumera mutyo, nimuze muri Kristo, noneho ntimuzaba muri ako kajagari k'umwanda kari hanze aho. Ariko igihe cyose uri umunyetorero ugerageza kubaho mu buryo bwiza kandi burangwa n'imyitwarire myiza, nawe ubwawe, ntuzigera ubigeraho. Nta muntu n'umwe ushobora kubikora hanze ya Kristo. Nk'uko Pawulo yakomeje abivuga ati: "Ariko muri Kristo nta mugabo cyangwa umugore ubamo." Bose ni bamwe.

243 Ariko ni ukugira ngo iri *Shyingiranwa n'Ubutane* bikosorwe, kugira ngo mumenye icyiza n'ikibi, ubu noneho Arakigaragara neza hano muri uru rugero. Hariho Kristo umwe, n'abagize uwo Mugore benshi. Mumenye ko We ashobora kutwirukana kubera ubusambanyi bwo mu buryo bw'umwuka n'inyigisho z'ibinyoma, igihe cyose We abishakiye; ariko se ni gute We wagerageza kumureka, ukabigeraho? Umugabo ashobora kwirukana umugore we agashaka undi; ariko umugore ntabwo

yirukana umugabo we ngo ashake undi. Murabona ibicucu byose n'ingero biri aho biringaniye neza? Murabona irema ry'umwimerere; hano ntabwo ari umusaruro wavuye ahandi hantu. Ntabwo ari itorero; Umugeni binyuze mu Ijambo. Ntabwo ari umugore; umugabo, buri gihe. Ni yo mpamvu nta na kimwe kivugwaho kigayitse ku mugabo ubikora; buri gihe ni umugore. Ni byo koko.

244 Ariko ashobora kuba Umugeni wa Kristo, kuba . . . Kandi mwibuke, kuba urugingo rw'umugabo, Bibiliya yavuze ko umugore ashobora- . . . "Ariko sinemera ko umugore yigisha, cyangwa ngo ategeke umugabo uwo ari we wese, ahubwo agire ituza. Kubera ko Adamu ari we wabanje kuremwa, nyuma hagakurikiraho Eva. Kandi Adamu ntiyashutswe, ahubwo umuvuyemo ni we washutswe. Nyamara azakizwa *niba* akomeje kwera no kwirinda no kubyara, n'ibindi nk'ibyo byose," kubera ko noneho ahinduka urugingo rw'uyu mugabo. Ni byo bizana . . .

245 Kuki Aburahamu ata . . . Kuki Imana itishe Sara ubwo yari yicaye ahongaho, yihakana, kandi abeshya imbere y'Imana? Yicaye aho nk'Umuntu upfa, irya inyama, irya umugati, inywa amata, Maze Iravuga iti: "Kuki Sara yasetse inyuma hariya," inyuma Yayo, mu ihema, ntabwo Yari yigeze imubona, "vuga uti: 'Ibi . . . Ibi bintu bishoboka bite?'"

246 Aravuga ati: "Sinigeze mbivuga!" Yoo, mbega, yemwe! Bwira Imana ko ari umubeshyi, imbere Yayo? Ariko ntiyashoboraga kugira icyo imutwara. Kuki? Ni urugingo rwa Aburahamu. Amina. Ntabwo yashoboraga kumugirira nabi atagiriye nabi Aburahamu.

247 Noneho mwa bagore mwe murabona aho muri. Kandi Bibiliya iravuga iti: "Bagore, mube nka Sara, wiyambariye imyenda ikwiye, yabayeho mu kuri kandi avugisha ukuri ku mugabo we, aramukunda cyane ku buryo . . . yamwitaga 'umwami we,'" umutware, uwumwihariko.

248 Namwe, bamwe mu bagore, mwambara iyi myenda y'umwanda maze mugasohoka mukijugunya imbere y'abagabo. Yesu yaravuze ati: "Umuntu wese ureba umugore akamurarikira aba yamaze gusambana na we mu mutima we." Ubwo ni inde uba ukoze icyaha, ni umugabo cyangwa ni wowe? Ni igitsina gabo, yaremwe kugira ngo ashobore gukora iki gikorwa, murabona; kandi uri igitsina gore, wakagombye kubyanga.

249 None se kuki wishyira hanze utyo? Ntabwo ari ukugira ngo wishimishe, urabizi ko bitashoboka, iyo watitiriye hanze kugeza hafi yo gupfa wambaye utwo dukabutura tugufi. Urabona, ntibishobora kuba ibyo kwigusha neza. None se ni ibiki? Ni ibyo kwiyangiza! Ntabwo uzabyemera, ariko ni Bibiliya ibivuga. Ni Ukuri. Ni umwuka wanduye ukurimo. Ntabwo ushaka kuba umwanda; ariko ntuzi ko mu buryo bw'umwuka uri umwanda, kuko urimo kwigaragaza ubwawe nk'umuntu uhumanye.

250 Noneho, umugabo, amavi ye ashaje, yanduye, akocagurika, aramutse ayambitse ubusa, ntacyo byahindura, umubiri we ntukurura. Kuki? Yari mu iremwa rya mbere, imico; yagombye kuba, murabona. Ariko, uri icyamukuwemo, cyo gushukana.

251 Mana, gira imbabazi! Yoo, mbega, iyi si y'icyaha! Nzanezerwa nirangira.

252 Menya ko Ashobora kwirukana umugore We igihe cyose Abishakiye, ariko umugore ntashobora kumwirukana; Ashobora kungira, Ashobora kunjugunya mu mukungugu igihe cyose abigizeho igitekerezo, ariko, yoo, mwene Data, byaba byiza kurushaho We ntagerageje na rimwe kumujugunya ahongaho, naba ndangiye.

253 Salomo yashoboraga kurongora umugore uwo ari we wese udafite umugabo, yashoboraga kurongora umugore uwo ari we wese yashakaga. Umubwirizabutumwa yashoboraga kurongora gusa umukobwa wari isugi. Salomo . . .

254 Kimwe na Dawidi, yashakanye na Abigayili (izina rye ryari irihe?) Abigayili. Ubwo, hari umugabo bitaga "umupfapfa," yari afite umugore mwiza, maze arapfa. Kandi Abigayili yari yarashakanye na Dawidi; yari umwami, ntabwo yari umutambyi, murabona, bityo ara—aramushaka.

255 Ariko umutambyi ntiyashoboraga kubikora, kuko yari yarakoze cyangwa yarafashe umugore wari usanzwe ari uw'umugabo runaka ngo amugire umugore we. Rero ibyo byerekana ubusugi bw'Itorero ry'Umwami Yesu Kristo, Umugeni agomba kuba yejeshejwe, Ijambo, nta Jambo na rimwe ribura ahantu hose. Nta gushidikanya. Ese mwabasha kwiyumvisha umugeni ukwiye, wacitse ibere rimwe, kandi, irindi naryo, rifite ikindi kintu kitagenda neza, murabizi? Uwo ntiyaba umugeni wa Kristo. Uwe aratunganye. Ni Ijambo mu bintu byose, nta Jambo na rimwe rineshwa aho ari ho hose muri we. Oya.

256 Menya ko We ashobora kumusenda, ariko uwo mugore ntashobora We kumusenda. Yarabikoze, yarabigaragaje, mu gihe Luther, Wesley, na Pentekote, igihe banze kuba urundi rugingo Rwe mu gukora imibonano mpuzabitsina yo mu buryo bw'umwuka kugira ngo batwite igice cy'irindi Jambo. Murabyumva? Ryaranze. Itorero ry'Abaluteriyani ryanze ko Kristo yongera kugira icyifuzo kuri ryo; Luther yarabyanze. Kandi mureke mvuge ibi, muri bunyite ikintu runaka uko byagenda kose; ni ko bimeze uyu munsi hamwe na buri wese muri bo, bananiwe gufata iryo Jambo, banze Kristo!

257 Kandi umugore wese wanze kubyarira umugabo umwana we, nta burenganzira aba afite bwo kumubera umugore. Amina. Muribuka, muri Bibiliya, igihe umwami yashyingiranwaga na Esiteri? Kubera ko umwamikazi yanze, yamushakiye undi. Kandi igihe . . . Ni iki cyabaye ubwo yangaga gusohokana

n'umwami ngo amwumvire? Ni kimwe n'umugore wanze kuba umugore w'umugabo we.

258 Kandi ni ko bimeze ku itorero ryanze gutwita muri iki gihe turimo ubu, kuzana abana b'iki gisekuruza. Ntabwo turi Luther, ntabwo turi Wesley, ntabwo turi Abapantekote! Tugomba kuba abana b'iki gisekuruza, binyuze mu ntangiriro y'Ijambo ry'Imana, kuzana Umwana w'iki gisekuruza, Imbuto Mwana. Amina. Nizere ko mubyumva. Ntabwo yashoboraga gutwita, oya, none se yakoze iki? Yaramwirukanye, mu gihe cyo gutandukana. Ni byo koko. Ariko umugore ntiyatinyutse kumwirukana. Umugabo ni we wamwirukanye.

259 Yarakomeje ahishurira Umubiri We Ijambo rye, kandi Wo arawugaragaza, kimwe, binyuze muri We. Abana Be batangira kurushaho gusa na We, kubera ko Bituma bakura, cyangwa, bahinduka abana b'Ijambo, ntabwo ari abana b'itorero. Abana b'Ijambo! Kandi Umugeni azaba ari Umudamu mwiza cyane w'Ijambo, ritavangiye, ridakozweho n'idini ry'umuntu uwo ari we wese, inyigisho iyo ari yo yose yahimbwe n'umuntu. Azirinda ubusambanyi, Umugeni w'Ijambo! Amina na amina! Ndizera ko mubyumva, mu buryo bw'ikoranabuhanga. Azaba ari umukobwa utwite w'Imana.

260 Murabona umugore ukomeye wubashywe uko ashobora kuba ameze? Murabona ukuntu itorero rishobora kuba ikintu gikomeye, ariko murabona aho umwanda warigejeje? Hanyuma mugerageje kugereranya iryo torero riri hanze aha n'Itorero riri hano, ntimwabishobora. No kugerageza kugereranya indaya yo mu muhanda n'Itorero ry'Imana nzima; cyangwa umugore, umugore ukwiye, n'indaya?

261 Kuki hariho ibintu nk'ibyo? Ni itegeko ry'Imana, itegeko ry'itandukaniro. Twamenya dute uburyo bwo kwishimira urumuri rw'amanywa hatariho ijoro? Twamenya dute uburyo bwo kwishimira ikirere cy'izuba imvura itaguye? Twamenya dute kwishimira no kubaha umugore nyawe, hatariho umugore mubi?

262 Yarakomeje ararihishura, ahishura Ijambo Rye, ariko ntihagire umwe muri twe ukwiye gutinyuka kugerageza kumureka ngo ashakane n'undi.

263 Noneho rwose biragaragara impamvu ibitekerezo byombi bitari byo. Ntushobora gutuma bigenda *gutya,* byaragiye; wabikora bikagenda *gutya,* bikarenga isezerano. *Hano* hari isezerano, hano hari ikintu cy'ukuri. Ijambo ntabwo ryivuguruza. Rigomba gukomeza kuguma uko riri ubu, nta kindi uretse muri Matayo 28:19 havuguruza Ibyakozwe 2:38.

264 Noneho, bamwe muri mwe bagore, bamwe muri mwe bagabo, nda—ndabizi ko mu—mutemeranya na Byo. Kubera ko, murabizi, ntimushobora kubihisha nonaha. Ntimushobora.

265 Ariko reka mbereke ikintu kimwe. Niba muri Matayo 28:19 havuga hati: "Nimugende rero, mwigishe amahanga yose, mubabatize mw'Izina rya Data, n'Umwana, n'Umwuka Wera," maze barahindukira, kandi umuntu wese wigeze kubatizwa yabatijwe mu buryo bunyuranye n'ibyo, yabatijwe mw'Izina rya Yesu Kristo, ndetse no mu gihe cya Bibiliya no mu myaka magana atatu nyuma y'igihe cya Bibiliya, kugeza mu Nama y'i Nikeya. Ahubwo bakurikiza inyigisho z'amahame. Itandukaniro ni irihe, niba zitarahishuwe?

266 Kandi muzi Igitabo cyose, Bibiliya yose, ni uguhishurirwa? Ni bwo buryo mugomba kumenya ukuri hagati y'ibi na biriya, ni ukubera ko ari uguhishurirwa. Kandi ihishurirwa rigomba kuba rihuye neza n'Ijambo, ritanyuranyije n'Ijambo. Muravuga muti: "Ni byiza, njyewe, byari byarampishuriwe." Noneho niba binyuranye n'Ijambo, ntabwo biba bituruka ku Mana. Ni byo.

267 Noneho niba mushaka gufata -. . . Matayo 16:18. Yesu yaravuze, Ubwe, ko Itorero Rye ryose, ryashingira ku guhishurirwa Kwe bwite mu buryo bw'umwuka, ari ryo Jambo. "Ndakubwira, ngo uri Petero. . . Kandi umubiri n'amaraso ntabwo ari byo biguhishuriye ibi, ahubwo Data uri mw'Ijuru ni we wabiguhishuriye. Kandi kuri uru rutare. . . "

268 Noneho, ndabizi, inshuti zacu z'Abanyagatolika hariya, Muravuga muti: "Byubakiwe kuri Petero, kandi Petero ni intumwa, bityo, *N'ibindi n'ibindi*, mu buryo bwumvikanyweho n'intumwa, uruhererekane."

Abaporotesitanti baravuga bati: "Byuubakiwe kuri Yesu Kristo."

269 Ntabwo ari ukugira ngo mwitandukanye n'abandi, ahubwo mufate ibyo We yavuze gusa! Yaravuze ati: "Umubiri n'amaraso ntabwo ari byo bibiguhishuriye, ahubwo ni Data uri mw'Ijuru wabiguhishuriye. Kandi kuri uru rutare" (ihishurirwa ry'umwuka ry'icyo Ijambo riri cyo) "Ni ho nzubaka Itorero Ryanjye; kandi amarembo y'ikuzimu ntashobora na rimwe kurinyeganyeza." Umugore We ntazashukwa n'abandi bagabo. "Ni ho nzubaka Itorero Ryanjye, kandi amarembo y'ikuzimu ntashobora na rimwe kurinyeganyeza."

270 Abeli na Kayini, mu busitani bwa Edeni. Kayini ashushanya ibitekerezo bye bwite, aravuga ati: "Noneho, murebe, Imana ni Imana nziza. Iri hejuru ya kamere zose, bityo nzabona ibishyimbo n'ibirayi, kandi nzabona i—indabyo, kandi nzayikorera igicaniro cyiza cyane." Iryo ni itorero. Yarapfukamye. Yizeye Imana. Yaramyaga Imana, arambura amaboko, maze atanga iki gitambo. Yakoze ibintu byose by'iyobokamana Abeli yakoze.

271 Abeli yubatse ubwoko bumwe bw'igicaniro. Ariko ubwo Abeli yazanaga icye, yazanye umwana w'intama. Noneho, Kayini yatekereje ko, avuguse umuti w'icyaha, ko se na nyina

bagomba kuba barariye imbuto, nk'uko bari barigishijwe muri ubwo busitani. Ariko Abeli, ku bwo guhishurirwa kw'Imana, yari azi ko ari amaraso yabikoze. Kubwo guhishurirwa kw'Imana! Kandi Bibiliya yaravuze, mu Baheburayo, igice cya 12, igice cya 1, iti: "Abeli, ku bwo kwizera," (uguhishurirwa) "yatambiye Imana igitambo cyiza kuruta icya Kayini, Imana yahamije ko ari umukiranutsi." Ibyo ni byo? Amina! Muvandimwe, mushiki wanjye, kuri njye birasobanutse neza nk'uko ikintu cyose gishobora kumera. Icyo ni cyo kintu cyuzuye.

272 Noneho ku bijyanye n'*Ishyingirwa n'Ubutane*, murabona, bigomba guhishurwa. Kugeza igihe bizahishurirwa, ntubimenya. Ariko yasezeranyije muri iki gihe cy'imperuka, muri iki gihe, ko buri banga ryose rihishwe muri Bibiliya rizahishurwa. Ni bangahe babizi? Ibyahishuwe, igice cya 10! Yesu yarabisezeranije, ko ubwo bwiru bwose bwahishwe ku— ku bijyanye n'*ishyingirwa n'ubutane,* ubwo bwiru bwose bwahishwe bwabayeho, bugomba guhishurwa mu gihe cy'imperuka. Noneho, mwibuke, Ijwi ryaravuze riti: "Jya i Tucson." Muribuka Urumuri rutangaje mu kirere? Malayika wa karindwi ahagaze aho? agaruka, ndetse n'ifungurwa ry'Ibimenyetso Birindwi. Murebe uko byagenze. Ibyo ni ukuri.

273 Noneho mukomeze gato. Ariko noneho, mwumve! Ndabizi ko igihe kigeze ngo mujye kurya, ariko ndimo kurya neza.

274 Mwitegereze, ubu, umugore afite aho ari, kandi ni Umuyahudikazi. Salomo, uyu mugabo wari ufite abagore ibihumbi icumi. . .cyangwa afite abagore ibihumbi bitanu, ahubwo, yaravuze ati: "Umuntu ubonye umugore, aba abonye ikintu cyiza." Yaravuze ati: "Umugore mwiza ni ibuye ry'agaciro mu ikamba rye," icyo ni icyubahiro. "Ariko gukiranirwa ni amazi mu maraso ye," ubwo ni ubuzima bwe. Yaravuze ati: "Hashobora kuboneka umuntu umwe w'umukiranutsi mu bantu igihumbi," Salomo yavuze ibi: "ariko," yaravuze ati: "nta mugore n'umwe w'umukiranutsi waboneka mu gihumbi." Salomo yavuze ibyo, murabona. Noneho murebe ibyo, uko bimeze.

275 Ariko, urabona, mugore, uri—uri ibuye ry'agaciro niba ushaka kuba ibuye ry'agaciro, ariko icyifuzo kigomba guturuka kuri wowe. Kandi murabona impamvu y'*Ishyingiranwa n'Ubutane,* Yesu yerekanye mbere, byatewe n'uko ubwoko bwawe ari bwo bwateye icyaha cyose. Ni yo mpamvu hashyizweho ubuharike n'ubutane, n'ibindiz, byinjijwemo. Mu ntangiriro ntibyigeze bibaho, kandi si ko bizamera mu isi yo hakurya.

276 Murebe Yakobo, uwo abakurambere bakomokaho. Yari afite nibura abagore cumi na babiri. Yashatse bashiki be babiri, kandi ku ruhande yari afite n'abagore b'inshoreke, abagore b'abasambanyi yabanaga nabo. Kandi abo bakurambere bavutse

ku bagore b'inshoreke. Ni byo koko? Murabona, mugomba gutuma Ijambo rigenda neza.

277 Yoo, mfite inyandiko kuri bo. Niba umupadiri ambajije ikibazo kuri byo, maze tugahurira hamwe, twabiganiraho. Ariko rwose, niba afite umwuka, ashobora kubona hano ko ari Ukuri. Nta gushidikanya kuri Byo.

278 Umugore mwiza ni ikintu cyiza. Ndabizi. Nzi ko abagore nyabo ari bo babizi. Nahuye n'abagore nyabo b'ukuri, b'ukuri nk'uko umugabo wese yigeze kugenda.

279 Ni icyamuvuyemo kandi ni urugingo rwe, kandi byashyize kera amutega amatwi. Gusa ya...Ni urugingo rwe. Ariko, ni we ubyihitiramo, yakozwe atyo kugira ngo abe umwanda, kandi ahabwa uburenganzira bwo kubyanga cyangwa kubyemera. Ibyo bihabanye n'imiterere y'umwimerere mu ntangiriro, murabona, ariko nguko uko bimeze.

280 Ubu ni saa kumi n'ebyiri, rero ndagira ngo ngire icyo nsiga hano mu minota mike. Ndashaka kubabaza ikintu.

281 Noneho, mwibuke ko ibi mbivuze ku itsinda ryanjye gusa. Kandi hanze mu kirere, ibi ndabivugira gusa abayoboke banjye. Ubu Butumwa ni ubwabo gusa, n'icyo ngiye kuvuga hano.

282 Umukozi uwo ari we wese, we, uwo ni we...ni umushumba w'umukumbi, mureke akore icyo ashaka gukora cyose. Ibyo ni We n'Imana. Umutambyi wese, umubwiriza wese, ibyo birakureba, mwene Data.

283 Ndimo kuvuga gusa hano i Jeffersonville, ni ho hantu honyine navugira ibi, kuko ari umukumbi wanjye bwite. Ni umukumbi Umwuka Wera yampaye kugira ngo nywumve ngo mbe umugenzuzi, kandi azambaza ibyawo. Kandi aba bantu banjye bahinduriwe hano baturutse hirya no hino mu gihugu, abo nayoboye kuri Kristo. Kandi, bana bato, ndi hano kugira ngo mbafashe, kandi ndi inshuti yanyu. Mushobora gutekereza ko mbavuga nabi; ibi ndabivuga, murabona, ku bw'inyungu zanyu. Ndabakunda. Niba kandi atari ibyo, Imana ni Yo mucamanza wanjye. Muzi ko mbakunda.

284 Iki ni ikintu gikomeye cyane, sinari nzi uko nagitangaza. Nzakora iki, nimbona abagabo n'abagore bicaye mu itorero ryanjye, bamwe muri bo barashyingiwe inshuro ebyiri cyangwa eshatu? Abagabo beza n'abagore beza, bose bavanze! Ni iki cyabikoze? Inyigisho z'ibinyoma, neza neza, kudategereza Umwami.

285 "Icyo Imana yahuje, ntihakagire ugitandukanya." Si icyo umuntu yahuje; icyo "Imana" yahuje! Iyo Imana iguhishuriye mu buryo butaziguye, uwo ni umugore wawe, kandi ikintu kimwe, ni uko uwo ari uwawe, ubuzima bwawe bwose. Murabona? Ariko icyo umuntu yafatanyije, umuntu uwo ari we wese ashobora kugitandukanya. Ariko icyo Imana yafatanyije,

nta wundi watinyuka kugikoraho. "Icyo Imana yafatanyije cyose," Yaravuze iti: "ntihakagire umuntu ugitandukanya." Si ibyo umucamanza usa n'uwasinze cyangwa ikindi kintu cyose cyahurije hamwe, cyangwa umuvugabutumwa wasubiye inyuma ufite uruhererekane rw'imyizerere mu gitabo, wabareka bagakora ikintu icyo ari cyo cyose ku isi, n'Ijambo ry'Imana riryamye aho. Murareba? Ndavuga gusa ibyo Imana yafatanyije.

286 Noneho ngiye kubabwira ibi. Niitondera cyane ibyo mbabwira. Simvuga ngo mbakarire. Simvuga ngo mbakarire, bashumba bene Data. Simvuze ibyo. Ariko mfite inshingano, kuko nzi ko ibi byashyizwe mu maboko yanjye, kandi niba . . . sinshobora kubigumana, kandi sinzi uko nabitanga, kandi nzi ko iyi kaseti iza . . . Yewe, mbega, nditegura gusa, ibiro birafunguye, 'kuko dore biraje. Murabona?

287 Nk'uko byari bimeze ku *Rubyaro rw'Inzoka*, ariko rwose bigaragara ko ari ukuri. Nabonye impapuro hano, mu binyamakuru, aho abagore noneho . . . ndetse no mu—mu bikomeye . . . Zimwe muri za diyosezi zikomeye zifite amafoto y'umwimerere, inzoka igendagenda ku kuguru k'umugore, kandi imuzengurukaho; afite ibyiyumvo by'ubwoko bwose n'ibindi bintu, ikintu umugabo atigeze amukozaho, hamwe n'iyi nzoka nini cyane imutondagira, n'ibindi. Ibyo ni ukuri rwose. Kandi ibintu birushaho kuba bibi, kandi bizarushaho kuba bibi. Inzoka, atari yo . . . ntiyashoboraga gukorana na we imibonano mpuzabitsina igihe yari inzoka, ariko nimwibuke . . .

288 Ejobundi nari mfite ikiganiro n'umukozi . . . ntabwo ari impaka, gusa wo mu Itorero rya Assembly of God akaba n'umufatanyabikorwa waryo, aravuga ati: "Uribeshya, kuri Ibyo."

Ndavuga nti: "Ni byiza, nshobora kuba nibeshya. Ndashaka ko wowe umbwira."

289 Hanyuma aravuga, arakomeza atangira kubivugaho. Ikintu cya mbere wamenya, ni uko ubwe yazimiye. Kandi ikintu kimwe yavuze, yaravuze ati: "Mwene Data Branham, ubwo bwoko buri he? Imana yaravuze iti: 'umwe wo mu bwoko bwayo.' None se ubwo bwoko wavuze ko buri hagati y'umuntu n'inyamaswa, siyansi ikaba idashobora kububona ubu buri he? Ari he?" Ati: "Ari kw'isi? Yari inguge se?"

290 "Oya, kuko amaraso y'inguge atavangwa nay'umugore, nta kindi gikoko kizavangwa na we. Oya, ntabwo bizashoboka, ndetse n'intanga z'umugabo ntizivangwa n'i—n'iz'ikindi kigore. Ntabwo bizashoboka."

291 "None se iyo nyamaswa runaka iri he? Noneho, Imana yaravuze iti: 'Ikintu cyose kibyare ubwoko bwacyo.'"

292 Nategereje umunota umwe gusa. Kandi umurashi ukomeye w'Umwuka Wera aravuga ati: "Mubwire uti: 'Ari hano.'"

Noneho, nabanje kuvuga nti: "Ni byo, ishobora kuba yarazimye."

Yaravuze ati: "Ariko mwene Data Branham, ibyo, turavuga ku Ijambo, ntabwo ari byo?"

293 Ndavuga nti: "Yego Mugenzi." Nanjye ndavuga nti: "Birumvikana ko bavuga ibindi bintu, nk'inyamaswa zo mu bwoko bwa dinozoro na—na za mamoti, n'izindi, Inyamaswa, cyangwa mamoti, ahubwo, zarazimye, n'izindi." Ndavuga nti: "Bishobora kuba ari byo."

294 Yaravuze ati: "Mwene Data Branham, turimo kuvuga ku byerekeye ibigaragaza Ijambo. Niba icyaha kiri hano, noneho, icyaha cy'inkomoko, na cyo kigomba kuba kiri hano."

295 Nanjye ndavuga nti: "Mwami Yesu, Waravuze uti: 'Ntimugatekereze ku cyo muzavuga mugeze imbere y'abantu, kuko muzagihabwa muri icyo gihe.' Mwami, navuga iki?" Yaravuze ati: "Mubwire uti 'Iri hano.'" Ariko nanone, mbona iyerekwa ku rukuta.

296 Ndavuga nti: "Iri hano," ntazi aho ari ho.

Aravuga ati: "Hehe?"

Kandi mbere y'uko ngira icyo ntekereza, Aravuga ati: "Ni inzoka."

297 Ni byo koko ni ko byari bimeze, kuko yari ataraba inyamaswa. Yaravumwe atangira gukurura inda ye hasi iminsi ye yose yari asigaje. Ari hano. Si byo se? Kandi muri icyo gikorwa yakoze, haracyariho icyaha kimwe gikora ku mugore, nk'igitsina gabo nk'icyo. Aho ni ho ahurira n'imibereho y'ubuhumyi n'ibindi, iyo agize amarangamutima ye arenga kure iby'umugabo uwo ari we wese yakora.

298 Ndashaka guhagararira aho kuko turi mu kivunge cy'abantu bavanze. Nzashaka abagabo, nza . . . tuzaganira byinshi kuri byo. Mfite impapuro zose n'ibindi byose hano, mu ntoki zanjye ubungubu, kandi nari ngiye kubibagezaho muri iki gitondo. Nari ngiye gufata umunsi wose kuri ibi, ariko ndarangiza nonaha nkivuga kuri ibi.

299 Ibi ni iby'itorero ryanjye gusa. Si itorero ryanjye . . . Umukumbi muto unyemera kandi ukankurikira, ibi ni iby'abo.

300 Ejobundi, nzi ko iyo mbabwiye ikintu icyo ari cyo cyose, kigomba kuza ari UKU NI KO UWITEKA AVUZE, hanyuma rero nari mfite Ibyanditswe Byera nk'uko yabimpishuriye. Ariko, "Mwami Imana, ni iki nshobora kuvuga kuri aya materaniro? Hazabaho ugutandukana. Umugabo azaba yicaye ku ibaraza no hanze mu gikari, n'ahandi hose yibaza ati: 'Nzamureke?' Abagore nabo bibaza bati: 'Ndeke umugabo wanjye?' 'Nkore iki?'" Ndavuga nti: "Mwami, nakora iki?"

301 Ikintu kirambwira kiti: "Zamuka ujye hariya ku musozi, maze nanjye ndavugana nawe."

302 Kandi ubwo nari ndi hejuru ku musozi, ntazi ko hepfo i Tucson bari barimo kubibona. Ariko n'abarimu bahamagaye abana bo. . . umukobwa wanjye muto hamwe na bo, bo mu ishuri, maze baravuga bati: "Nimwitegereze hariya kuri uriya musozi! Hari Igicu cy'umuhondo gisa n'umuriro kizamuka mu kirere kigasubira hasi, kirimo kuzamuka mu kirere maze kikagaruka hasi."

303 Madamu Evans, uri hano? Ronnie, uri hano? Nasubiye inyuma kuri sitasiyo, uyu muhungu muto ari hafi ya sitasiyo ya petroli, Sitation ya Evans iri hariya. Kandi mbere y'uko menya uwo muhungu nari ngiye kuvuga, yanjyanye ngendesha amaguru yanjye, aravuga ati: "Mwene Data Branham, wari uri hejuru y'umusozi hariya, si byo?"

304 Ndaravuga nti: "Urashaka kuvuga iki, Ronnie? Oya," murabona, kugira ngo ndebe icyo yari agiye gukora. Hari ibintu byinshi bibaho, Ntabwo, ntubibwira abantu. Bihinduka. . . Ikintu cy'ingenzi ni uko, mubona byinshi bibaho, bikaba ari ibisanzwe kuri mwe. Murabona? Gusa sinjya mbibwira abantu. Naravuze nti: "Ronnie, wari urimo. . . "

305 Aravuga ati: "Nshobora kukwereka aho wari ugeze." Yaravuze ati: "Nahamagaye mama, maze duhagarara hano twitegereza icyo gicu kimanitse hejuru hariya, kizamuka kimanuka. Ndavuga nti: 'Bigomba kuba ari Mwene Data Branham wicaye hariya ahantu runaka. Iyo ni Imana ivugana na we.'"

306 Kandi umujyi wose, abantu, barabyitegereje. Ku munsi w'akataraboneka nta bicu na bike bihari, hamwe n'iki gicu kinini kimanitse aho; kimanuka nk'umuyoboro w'amazi, kikongera kigasubira inyuma gikwirakwira hose.

307 Nshuti zanjye, ubwo ndasoje, ibi mushobora kuba mubiretse. Icyo gihe ni bwo ibi byahishurwaga, icyo ngiye kubabwira ubungubu, bityo ntibibacike.

308 Ubu ndimo ndabwira abayoboke bacu gusa, ari bo bankurikira n'ubu butumwa bonyine, ntabwo ari abo hanze. Munshyirireho ubuhamya imbere y'Imana. Kuri iri tsinda gusa!

309 Ubu twibona muri aka kajagari bitewe n'inyigisho za tewolojiya zisobanuwe nabi. Si byo se? Ni yo mpamvu mwebwe abagore mwashatse ubwa kabiri, namwe bagabo, kubera tewolojiya yasobanuwe nabi. Noneho ndashaka kubereka ikintu Yambwiye.

310 Niba kandi Imana, Umuremyi wacu, yari yaribajije ikibazo igihe Yari hano ku isi, Yesu Kristo; kandi ubwo umuhanuzi We yazaga kubacungura, Mose, yamanutse muri Egiputa, akura abana mu—muri Egiputa, aberekeza mu gihugu cy'isezerano;

kandi Yesu yavuze hano ko Mose yabonye abantu muri iyi mibereho, nuko abaha urwandiko rw'ubutane, kuko ibintu byari bimeze uko byahoze. Mose yabonye ibintu nk'ibi, ati: "Nimumureke ababare. . . " Imana yemereye Mose, umuhanuzi woherejwe ku bantu, kubaha iyi nyandiko y'ubutane.

311 Kandi mu Bakorinto ba mbere, i—igice cya 7, umurongo wa 12 n'uwa 15, mu Isezerano Rishya, Pawulo, yahuye n'ikibazo nk'iki mu itorero, maze aravuga ati: "Uyu ni njye, ntabwo ari Uwiteka." Si byo se? Kubera impamvu z'ubutane.

312 "Ntabwo byari bimeze bityo mbere." Ariko Mose yari abyemerewe, nuko Imana yemeza ko ari ibyo gukiranuka. Kandi Pawulo nawe yari afite uburenganzira, bwo kubona itorero rye muri iyo mibereho.

313 Noneho mwemera ko Ibi ari ukuri, kandi mwizera ko bituruka ku Mana! Kandi binyuze mu kwemezwa kw'Igicu Cye n'Ubutumwa Bwe byangejeje hano, Imana yo ku musozi ntiyakagombye kunyemerera gukora ikintu nk'icyo, kugira ngo mbareke mugume uko mumeze, kandi ntimuzongere kubikora! Mujyane n'abagore banyu mubeho mu mahoro, kuko igihe kigiye. Ukuza k'Umwami kuri hafi. Nta mwanya dufite wo gusenya ibi bintu. Ntimugatinyuke kongera kubikora! Ndavugana n'itorero ryanjye gusa. Ariko niba warashatse. . . Kandi Imana yampaye ubuhamya kuri ibyo, ku musozi, ko nkwiye kuvuga Ibi, ihishurirwa ridasanzwe, kubera ukumenwa kw'Ibimenyetso Birindwi, kandi iki ni ikibazo kiri mu Ijambo ry'Imana. "Bareke bakomeze, kandi uko bari, ntibakongere gucumura ukundi!"

314 "Kuva mu ntangiriro ntabwo byari bimeze bityo." Ni byo koko, ntabwo byari bimeze bityo, kandi ntibizamera bityo ku iherezo. Ariko mu bihe bya none, nk'umugaragu w'Imana. . . siniyita umuhanuzi Wayo. ariko ndizera ko wenda, iyo ntaza koherezwa ku bw'ibyo, ndimo kumushyiriraho urufatiro igihe azaba aje. Rero mu mibereho ya none, ndagutegetse ngo utahe iwawe, uri kumwe n'umugore wawe nonaha. Niba umwishimiye, ubane na we, murere abana banyu mu mabwiriza y'Imana. Ariko Imana ikugirire imbabazi niba uzongera kubikora! Mwigishe abana banyu kutazigera bakora ikintu nk'icyo, mubarere mu mabwiriza y'Imana. None ubu ko umeze uko uri, reka tugende nonaha, muri aya masaha ya nimugoroba turimo, kandi "muharanire kugera ku ntego yo guhamagarwa muri Kristo," aho ni ho ibintu byose bizashoboka.

315 Kugeza igihe mbaboneye iri joro, Uwiteka Imana ibahe umugisha, mu gihe turimo gusenga.

316 Mwami Mana, turagushimira. Turaguhimbaza. Uri Yehova ukomeye wababariye Mose. Mose, uwo mugaragu, none se yari kubwira iki abantu be? Kandi Mana, wamwemereye gutanga urwandiko rw'ubutane. Pawulo, intumwa ikomeye ni

yo mwanditsi w'Isezerano Rishya, nk'uko Mose yari ameze mu gihe cya Kera. Mose yanditse Amategeko n'igihe cy'amategeko. Benshi mu bahanuzi, amagambo yabo yabyinjizwagamo, ariko Mose yanditse Amategeko. Kandi wamwemereye kwandika inyandiko y'ubutane, kubera kunangira imitima kwabo.

317 Pawulo Mutagatifu ukomeye, kubera ko ari we wanditse Isezerano Rishya, na we yashoboraga kuvuga atyo, ati: "Ndavuga muri iyi mibereho; Ni njye, ntabwo ari Uwiteka."

318 Ni ko bimeze no muri iki gihe, Mwami Mana, imperuka y'isi, nk'uko turi hano munsi y'imbabazi z'Imana, tuzi ko vuba aha tugomba gusubiza turi Imbere Ye. Kandi Wakoze byinshi cyane, Mwami, nzi neza ko, imbere y'aba bantu, Bazaguma kuri Ibi nk'aho Biturutse kuri Wowe. Kandi kugira ngo mpame hano uyu munsi, abantu benshi bicaye hano babonye icyo kimenyetso ku musozi, aho Abamalayika b'Imana bamanuka muri serwakira, aho byageze mu Bamalayika barindwi, aho guhishurwa k'ubwiru burindwi kwahishuwe; n'uwo Mumalayika, mu cyerekezo kimwe, ku musozi umwe, umunsi Ibi bihishurwa!

319 Mana, ndasenga ngo abantu batahe bashima Imana ko yabagiriye ubwo buntu. Ndabivuze gusa, Mwami, mbiherewe uruhushya. Kandi ndabivuga gusa binyuze mu kwemererwa, Mwami. Kandi abantu bashimire cyane ko batazongera kugerageza gukora icyo cyaha ukundi! Kandi ntibagerageze gukora icyaha icyo ari cyo cyose, ahubwo bagukunde n'imitima yabo yose. Mwami, shyira iyi miryango mu byishimo, kandi ikure irere abana bayo mu mabwiriza y'Imana.

320 Kubera ko, Ubutumwa bwanjye bwari mu mutima wanjye, Mwami. Nakoze ibyo nshoboye gukora byose. Kandi Satani yarandwanyije mu byumweru byinshi, namaze amasaha menshi ntasinzira. Ariko ubu ndabitegetse, Mwami, aba bantu, ko babyiga, bakagenda bakabaho ku Bwawe. Byemere, Mwami. Biri ku bitugu byanjye nonaha. Biri mu biganza Byawe. Ndasenga ngo Ubahe umugisha.

321 Ha umugisha ibi bitambaro, Mwami, gusa byashyizwe hano, kubera abarwayi n'abababaye. Iri joro ribe rimwe mu majoro akomeye kandi y'imbaraga, aho abantu bose bazakira uburwayi. Bitwemerere, Mwami. Imana iduhe umugisha twese hamwe.

322 Tugende mu mahoro, twishimye, tunezerewe, kuko Imana nyiribiremwa yatwigaragarije "kuva mu ntangiriro," kandi yadusakajeho, mu kajagari kacu turimo, ubuntu Bwayo bwongeye kugaruka, muri iyi minsi y'imperuka. Mana ikomeye kandi Ihoraho, mbega ukuntu tugushimira kubw'ibyo! Kandi imitima yacu yishime cyane, ku buryo tutazongera kugira ikindi cyifuzo cyo kugucumuraho. Mu izina rya Yesu. Amina.

Ndamukunda, (Kuki mutagomba
kumukunda?) Ndamukunda

Kuko yabanje kunkunda
hanyuma ambonera agakiza kanjye
i Kaluvari . . .

323 Ndabivuze ubu kugira ngo abakozi b'Imana babyumve. Ibi ni iby'abakurikira ubu butumwa gusa!

324 Yoo, muranezerewe? [Itorero rivuga riti: "Amina."—Ubwanditsi.] Nababwiye Ukuri, UKU NI KO UWITEKA AVUZE, uburyo bwose! ["Amina!"]

325 Noneho mureke duhaguruke tuzamure ibiganza, mu gihe turirimba tuti: "Ndamukunda." Ndamukunda kubw'ubuntu Bwe. Ndamukunda ku bw'imbabazi Ze. Ndamukunda kw'Ijambo Rye. "Kandi Ijambo ry'Uwiteka ryaje ku bahanuzi!"

Nda . . .

326 Banguka mwene Data. Komeza.

65-0221M Ishyingiranwa n'Ubutane
Ishuri ryisumbuye rya Parkview
Jeferisonivile, Indiyana Leta Zunze Ubumwe za Amerika

KINYARWANDA

©2026 VGR, ALL RIGHTS RESERVED

VOICE OF GOD RECORDINGS
P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.
www.branham.org

Gushinganisha Igihangano

Uburenganzira bwose burashinganye, iki gitabo gishobora gucapirwa mu rugo ku muntu ushaka kugikoresha ku giti cye nta kiguzi, akagikoresha nk'icyo kwifashisha mu rwego rw'ivugabutumwa rya Yesu Kristo. Iki gitabo ntibyemewe kukigurisha cyangwa kugicapa ugasohora umubare munini, ntibyemewe kugishyira ku rubuga, ntibyemewe kukibika mu buryo bw'ikoranabuhanga, kugihindura mu rundi rurimi, cyangwa kugikoresha ugamije kubona inkunga, udafite uruhushya rwanditse rutangwa na Voice Of God Recordings®.

Ku bindi bisobanuro cyangwa ushaka gusaba ibindi bitabo wabariza kuri aderesi ikurikira:

VOICE OF GOD RECORDINGS

P.O. BOX 950, JEFFERSONVILLE, INDIANA 47131 U.S.A.

www.branham.org